Repubulika y’u Rwanda

Minisiteri y’Uburinganire n’Iterambere ry’Umuryango

# Politiki y’Igihugu y’Uburinganire ivuguruye

***Kwihutisha ihame ry’uburinganire muri gahunda zose no kubazwa inshingano biganisha ku mpinduka mu iterambere ry’Igihugu***

**Gashyantare, 2021**

**IMPINE Z’AMAGAMBO**

| | |
|---|---|
| ASRH: | Ubuzima bw’imyororokere bw’ingimbi n’abangavu |
| AU: | Afurika Yunze Ubumwe |
| CBOs: | Imiryango Ikorana n’Abaturage |
| CEOs: | Abayobozi Bakuru |
| COMESA: | Isoko Rusange rya Afurika y’Iburasirazuba n’iy’Amajyepfo |
| CSOs: | Imiryango itari iya Leta |
| DDSs: | Ingamba z’Iterambere ry’uturere |
| EAC: | Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba |
| ECD: | Ingo mbonezamikurire y’abana bato |
| EDPRS: | Gahunda y’Igihugu y’Imbaturabukungu |
| EICV: | Ubushakashatsi ku mibereho rusange y’ingo |
| E-PW: | Imirimo rusange yoroheje y’amaboko |
| FBOs: | Imiryango Ishingiye ku madini n’amatorero |
| FFRP: | Ihuriro ry’Abanyarwandakazi bari mu Nteko Ishinga Amategeko |
| GACU: | Ishami rishinzwe guhuza ibikorwa bya Guverinoma |
| GBSs: | Inyandiko zigaragaza uko uburinganire bw’ abagabo n’abagore bwinjizwa mu ngengo y’imari. |
| GBV: | Ihohotera rishingiye ku gitsina |
| GEWE: | Guteza imbere uburinganire no kongerera abagore ubushobozi |
| GoR: | Guverinoma y'u Rwanda |
| GMIS: | Uburyo bwo gucunga no guhuza amakuru ajyanye n’uburinganire |
| GMO: | Urwego rw’Igihugu rushinzwe kugenzura iyubahirizwa ry’Uburinganire |
| GRB: | Ingengo y’Imari yita ku buringanire |
| HHs: | Abayobozi b’ ingo |
| HeForShe: | Ubukangurambaga bugamije kushishikariza abagabo n’abahungu gushyigikira iterambere ry’abagore n’abakobwa |
| ICT: | Ikoranabuhanga n’Itumanaho |
| IOSCs: | Ibigo byakira bikanatanga serivisi ku bakorewe ihohotera rishingiye ku gitsina n’irikorerwa abana |
| MIGEPROF: | Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'umuryango |
| MINAGRI: | Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi |
| MINALOC: | Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu |
| MINECOFIN: | Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi |
| MININFRA: | Minisiteri y'Ibikorwa Remezo |
| M&E: | Ikurikiranabikorwa n’Isuzuma |
| NAP: | Gahunda y'ibikorwa by'Igihugu |
| NCC: | Komisiyo y'Igihugu ishinzwe abana |
| NECDP: | Gahunda y’Igihugu y’Imbonezemikurire yAbana bato |
| NEP: | Gahunda y'Igihugu y’Umurimo |
| NGOs: | Imiryango itari iya Leta |
| NISR: | Ikigo cy'Igihugu cy’Ibarurishamibare mu Rwanda |
| NST: | Gahunda ya Guverinoma y’Imyaka irindwi yo kwihutisha Iterambere |

| | |
|---|---|
| NWC: | Inama y'Igihugu y'Abagore |
| OECD: | Umuryango w'Ubuhahirane mu bukungu n'iterambere |
| PRICE: | Umushinga ugamije kongera umusaro w'icyaro binyuze mu byoherezwa mu mahanga |
| PSF: | Urugaga rw'Abikorera |
| Q1: | Igihembwe cya mbere |
| RPHC: | Ibarura rusange ry'abaturage mu Rwanda |
| SACCOs: | Amakoperative yo kuzigama no kugurizanya |
| SDGs: | Intego z'Iterambere Rirambye |
| SSPs: | Ingamba z'inzego z' igihe kirekire zigamije Iterambere |
| STEM: | Ubumenyi, Ikoranabuhanga, n'Imibare |
| TVET: | Amashuri y'imyuga n'ubumenyingiro |
| UNDP: | Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye rishinzwe Iterambere |
| UNICEF: | Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku bana |
| UNSCR: | Umwanzuro y'Akanama ka LONI Gashinzwe Umutekano ku isi |
| VUP: | Gahunda Igamije iterambere ry'Umurenge mu cyerekezo 2020 |
| WPS: | Abagore,Amahoro n'Umutekano |
| 12YBE: | Uburezi bw'ibanze bw'imyaka cumi n'ibiri |

**Ibirimo**

**1. Iriburiro** .......... **10**

***1.1. Ibisobanuro by'ingenzi*** .......... *10*

***1.2. Amateka y'uburinganire*** .......... *13*

***1.3. Impamvu yo kuvugurura politiki y'uburinganire*** .......... *16*

***1.4. Kuvugurura politiki*** .......... *17*

**2. Uburinganire mu rwego rw'igihugu, akarere no ku rwego mpuzamahanga** .......... **18**

***2.2. Uburinganire muri politiki y'igihugu n' igenamigambi*** .......... *20*

***2.3. Inzego zishinzwe gushyira mu bikorwa iyi politiki*** .........***Error! Bookmark not defined.***

***2.4. Uko uburinganire buhagaze mu karere no ku rwego mpuzamahanga*** .......... *22*

***2.4.4. Uburinganire mu Masezerano Nyafurika y'Uburenganzira bwa Muntu n'Abaturage*** .......... 24

**3. Isesengura ry'Imiterere y'Uburinganire** .......... **25**

***3.1. Uburinganire n'Impinduramatwara mu bukungu*** .........***Error! Bookmark not defined.***

***3.2. Impinduramatwara mu rwego rw'uburinganire n'imibereho myiza y'abaturage*** ..... *29*

***3.3. Uburinganire n'Impinduramatwara mu Miyoborere*** .......... *31*

**4. Icyerekezo cya politiki, inshingano, intego, n'amahame ngenderwaho** .......... **34**

***4.1. Icyerekezo n'inshingano za politiki y'igihugu y'uburinganire*** .......... *34*

***4.2. Intego rusange n'intego zihariye za politiki y'Igihugu y'uburinganire*** .......... *34*

***4.3. Amahame ngenderwaho*** .......... *35*

**5. Urwego rwa Politiki, Ibikorwa by'ingenzi, n'ibibazo bya politiki n'ingamba** .........Error! Bookmark not defined.

***5.1. Imitere ya politiki y'igihugu y'uburinganire*** .......... *36*

***Ingingo yihitirwa 1: Kwimakaza uburinganire mu igenamigambi, politiki z'inzego, ingamba kimwe na gahunda n'imigambi mubikorwa bya leta n'iby'abikorera.*** .......... 38

***Ingingo yihutirwa ya 2: Kwihutisha iterambere ry'abagore mu bukungu*** .......... 40

***Ingingo yihutirwa ya 3: Kunoza gahunda y'ishyirwa mu bikorwa ry'uburinganire n'amahame y'uburinganire mu burezi, ubuzima no kurengera imibereho*** ..........**Error! Bookmark not defined.**

***Ingingo yihutirwa ya 4: Kwifashisha imico myiza ishigikira ibikorwa byiza byo guteza imbere uburinganire.*** ....................................**Error! Bookmark not defined.**

***Ingingo yihutirwa ya 5: Uruhare rw'abagabo n'abahungu mu kuzamura ihame ry'uburinganire***.............................................**Error! Bookmark not defined.**

***Ingingo yihutirwa ya 6: Kongera uruhare rugarara rw'abagore no guhagararirwa mu buyobozi no mu myanya ifata ibyemezo mu bigo bya leta, abikorera kimwe n'imiryango nyarwanda itari iya Leta (COSs) mu byiciro byose***........**Error! Bookmark not defined.**

***Ingingo yihutirwa ya 7: Kurashaho kongera ubushobozi bwiharire ku ihame ry'uburinganire***.............................................**Error! Bookmark not defined.**

***Ingingo yihutirwa ya 8: Gushyiraho amategeko ashimangira ihame ry'uburinganire*** ............................................................................**Error! Bookmark not defined.**

**6. Inzego zishinzwe gushyira mu bikorwa iyi politiki ......................................................... 54**

**7. Impinduka za iolitiki y'uburinganire ........................................................................ 57**

**8. Inyandiko zifashishijwe.......................................................................................... 60**

**Umugereka 1: Gahunda yo gushyira mu bikorwa politiki y'uburinganire .......................... 62**

## *Kwihutisha ihame ry'uburinganire muri gahunda zose no kubazwa inshingano biganisha ku mpinduka mu iterambere ry'Igihugu*

**Incamake**

Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, u Rwanda rwateye intambwe ishimishije mu nzego zitandukanye haba mu mibereho myiza, imiyoborere no mu bukungu. Mu rwego rw'uburinganire n'ubwuzuzanye, Guverinoma y'u Rwanda yashyizweho kandi izirikana uruhare rw' ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye gahati y'abagabo n'abagore, abahungu n'abakobwa mu iterambere ry'Igihugu kandi ikomeje gushyiraho no kuvugurura politiki n'amategeko kugira ngo ihame ry'uburinganire rirusheho gushimangirwa ndetse no kongerera ubushobozi abagore n'abakobwa mu nzego zose. Ni muri uwo mujyo Guverinoma y'u Rwanda n'abafatanyabikorwa bayo bashyize mu bikorwa Politiki y'igihugu y'uburinganire yo mu mwaka wa 2010, nka politiki ya mbere y'uburinganire ishyira mu bikorwa icyerekezo cy'u Rwanda 2020, hibandwa mu guteza imbere uburinganire no guha ubushobozi abagore n'abakobwa. Hari ibikorwa byinshi byagezweho mu gushyira mu bikorwa politiki ya mbere cyane cyane mu bijyanye n'uburinganire hagati y'umugabo n'umugore mu nzego zitandukanye no gushyiraho politiki, amategeko, n'inzego zishyigikira ibikorwa byose bijyanye n'uburinganire, no guha ubushobozi abagore.

Hashingiwe ku byagezweho mu ishyirwa mu bikorwa rya politiki ya 2010 mu bufatanye bwa Guverinoma y'u Rwanda n'abafatanyabikorwa bayo, Politiki ivuguruye izibanda ku kurushaho kumvikanisha amahame y'uburinganire, yumvikanisha kandi uko ashyirwa mu bikorwa na buri muntu. Iyi politiki izakomeza gushyira imbaraga ku musingi w'ibyagenzweho muri politiki ya 2010 no kuziba ibyuho bikigaragara mu kwinjiza ihame ry'uburinganire mu igenamigambi no gushyiraho uburyo bwihariye mu nzego zose mu gushyira mu bikorwa Ihame ry'uburinganire ,ndetse inatanga uburyo bwo gukemura ibibazo bishingiye ku myumvire ikiri hasi n'imigenzereze ishingiye ku muco bidindiza iterambere ry'uburinganire hagati y'abagabo n'abagore.

Ugereranije na Politiki y'Igihugu y'Uburinganire yabanje, Politiki y'Uburinganire ya 2021 ishimangira uruhare rudasubirwaho rw'abagabo n'abahungu mu kwihutisha iyubahirizwa ry'ihame ry'uburinganire cyane cyane mu nzego z'abikorera nk'inkingi ya mwamba mu iterambere ry'ubukungu bw'u Rwanda. Icyerekezo cy'iyi Politiki nuko u Rwanda ruba Igihugu aho abagabo n'abagore, abahungu n'abakobwa bafite uburenganzira n'amahirwe bingana mu buryo busesuye biganisha ku mpinduka n'iterambere rirambye. Iyi politiki izibanda mu kuziba ibyuho by'uburinganire hagati y'abagabo n'abagore binyuze mu kwihutisha ibikorwa bishimangira uburinganire no kubazwa ibyo abantu bakora. Ibyo bigatuma u Rwanda ruba icyitegererezo mu ruhando mpuzamahanga mu guteza imbere uburinganire. Intego rusange y'iyi politiki ni ukunoza no kurushaho guteza imbere ihame ry'uburinganire mu nzego zitandukanye, mu gihe hongerwa ubushobozi bw'umugore mu bijyanye no kwiteza imbere, kugira amahirwe angana mu bukungu no guharanira ko abagabo n'abagore barindwa ihohoterwa n'ivangura iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina.

Intego z'iyi politiki ni izi zikurikira:

*(1)* Gushimangira iyubahirizwa ry' ihame ry'uburinganire no kubazwa ibyo abantu bakora mu gushyira mu bikorwa ihame ry'uburinganire muri za politiki na gahunda by'inzego zose binyuze mu igenamigambi n'ingamba mu nzego za leta n'iz'abikorera ;

*(2)* Guharanira ko abagabo n'abagore bagira uburenganzira n'amahirwe angana yo kugera, gukoresha no gufata icyemezo ku mutungo mu rwego rwo kwiteza imbere;
*(3)* Kunoza ihame ry' uburinganire mu burezi, ubuzima no muri gahunda zose zigamije imibereho myiza y'Abanyarwanda;
*(4)* Kugaragaza ibyiza biri mu muco w'u Rwanda no kubyubakiraho mu guteza imbere uburinganire no kuziba icyuho giterwa n' imyumvire isubiza inyuma ihame ry'uburinganire hagati yabagabo n'abagore, abahungu n'abakobwa;
*(5)* Guharanira ko uruhare rw'abagabo n'abahungu rugaragara mu guteza imbere ihame ry'uburinganire
*(6)* Gushimangira uruhare rw' abagore mu nzego z'ubuyobozi no mu myanya ifata ibyemezo;
*(7)* Kongerera ubumenyi n'ubushobozi inzego za Leta, Abikorera, amashuri makuru na za kaminuza, imiryango itari iya leta, imiryango ishingiye ku myemerere no mu baturage muri rusange ku bijyanye no guteza imbere ihame ry'uburinganire
*(8)* Gukomeza gushyiraho no kuvurura politiki n'amategeko mu rwego rwo kurushaho guteza imbere uburinganire hagati y'abagabo n'abagore, abahungu n'abakobwa.

Intego z'iyi politiki zijyanye na gahunda n'amasezerano mpuzamahanga n'ayo mu Karere, Guverinoma y'u Rwanda yashyizeho umukono; mu rwego rwo guteza imbere uburinganire. Muri ayo masezerano harimo Intego z'Iterambere Rirambye (SDG) zo muri 2015, Politiki y'Uburinganire y'Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe (2009); Politiki y'uburinganire mu Muryango w'Afurika y'Iburasirazuba, Icyerekezo cy'Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe (African Agenda 2063); Politiki y'uburinganire ya COMESA; Ubukangurambaga bwa HeForShe bwo muri 2015; n'ibindi…

Iyi politiki y'uburinganire yatangiye gukorwaho mu 2020, umwaka usoza gahunda y'icyerekezo 2020, utangira icyerekezo gishya 2050, icyerekezo cyitezweho kuzamura imibereho y'Abanyarwanda bose. Ni yo mpamvu, iyi politiki y'uburinganire igamije gushimangira no gutuma uburinganire bugira umwanya muri icyo cyerekezo 2050 bikagerwaho na none binyuze mu ruhare rw'abagabo n'abahungu nk'abafatanyabikorwa mu guteza imbere uburinganire n'ubwuzuzanye mu Rwanda.

Iyi politiki yateguwe hashingiye ku isesengura ryimbitse ryakozwe ku bufatanye n'abafatanyabikorwa batandukanye bafite aho bahuriye n'uburinganire n'umuryango nyarwanda muri rusange.

Ibibazo byagaragajwe bifitanye isano n'uruhare rukiri hasi rwo kwinjiza uburinganire mu nzego zose no kubazwa inshingano mu bikorwa bijyanye n'uburinganire mu igenamigambi ry'Igihugu, kutagera ku bikorwa bibyara inyungu hagati y'abagabo n'abagore, ubusumbane bushingiye ku gitsina hagati y'abagabo n'abagore mu burezi, ubuzima, na gahunda zita ku mibereho myiza y'abaturage, imyumvire ikiri hasi ishingiye ku muco bikabangamira ihame ry'uburinganire , umubare muto w'abagore mu nzego z'ubuyobozi cyane cyane mu nzego z'ibanze no mu bikorera, ubumenyi bwihariye budahagije mu kwinjiza ihame ry'uburinganire muri gahunda zose no

kongerera abagore n'abakobwa ubushobozi mu nzego zose. Kugira ngo ibyo bibazo bikemuke, iyi politiki yubakiye ku ngingo umunani z'ingenzi zikurikira:

***Ingingo y'Ingenzi ya 1:*** *Gukora ku buryo igenamigambi, politiki, ingamba, imishinga byose biba byubahirije ihame ry'uburinganire mu nzego zose zaba iza leta n'iz'abikorera.* Intego rusange ni ugushimangira ihame ry'uburinganire mu igenamigambi ry'Igihugu, politiki n'ingamba no kubazwa inshingano mu nzego zose za Leta n'iz'abikorera.

***Ingingo y'Ingenzi ya 2:*** *Kwihutisha iterambere ry'abagore mu bukungu:* hagamijwe guharanira ko abagabo n'abagore bagira uburenganzira n'amahirwe bingana byo kugera, gukoresha no gufata icyemezo ku mutungo.

***Ingingo y'Ingenzi ya 3:*** *Gukomeza guteza imbere uburinganire n'amahirwe angana mu burezi, ubuzima n'imibereho y'abaturage hagamijwe* kuzamura uburinganire n'amahirwe angana mu bikorwa byose biteza imbere imibereho y'Abanyarwanda.

***Ingingo y'Ingenzi ya 4:*** Kubakira ku byiza biri mu muco w'u Rwanda mu gushimangira ibyiza by'uburinganire, bigakorwa hagamijwe kureba ibyiza biri mu muco no gukuramo imbogamizi zibangamira iyubahirizwa ry'ihame ry'uburinganire hagati y'abagabo n'abagore, abahungu n'abakobwa

***Ingingo y'Ingenzi ya 5*: *Kurushaho kuzamura uruhare rw'abagabo n'abahungu mu guteza imbere ihame ry'uburinganire*.** Hagamijwe gushyiraho ingamba zituma abagabo n'abahungu bagira uruhare rugaragara mu guteza imbere uburinganire;

***Ingingo y'Ingenzi ya 6*:** Kongera umubare w'abagore n'uruhare rwabo mu nzego z'ubuyobozi no mu myanya ifatirwamo ibyemezo mu nzego za *zose, iza leta n'iz'abikorera kimwe n'imirango itari iya letaa.* Ikigamijwe ni ugushimangira uruhare rw'abagore mu nzego z'ubuyobozi no mu myanya ifatirwamo ibyemezo.

***Ingingo y'Ingenzi ya 7*:** Gushimangira ubumenyi ku buringanire mu nzego za Leta n'iz' abikorera ndetse no mu baturage muri rusange;

*(9)* ***Ingingo y'Ingenzi ya 8*:** *Gushyiraho amategeko ashimangira ihame ry'uburinganire, hagamijwe* gushyiraho no kuvugurura politiki n'amategeko mu rwego rwo kurushaho guteza imbere uburinganire hagati y'abagabo n'abagore, abahungu n'abakobwa.

Uburyo buteganijwe bwo gushyira mu bikorwa iyi politiki bugomba kuyoborwa n'isesengura rishingiye ku ihame ry'uburinganire, rigaragaza ibibazo nyabyo bibangamiye iyubahirizwa ry'uburinganire, rigaragaza ibyuho mu iyubahirizwa ry'ihame ry'uburinganire muri buri rwego, riganisha ku bikorwa byita ku buringanire kandi rinafasha gushyiraho ibikorwa byubahiriza ihame ry'uburinganire kandi bigahindura ubuzima bw'abagabo n'abagore, abahungu n'abakobwa mu byiciro byose.

## *Kwihutisha ihame ry'uburinganire muri gahunda zose no kubazwa inshingano biganisha ku mpinduka mu iterambere ry'Igihugu*

Politiki y'uburinganire igamije kuzana impinduka no kuzamura imyumvire ku ihame ry'buringanire kandi ikarushaho kuryumvikanisha mu nzego zose hashingiwe ku isesengura ku

buringanire hagati y'abagabo n'abagore mu ngamba n'ibindi bikorwa bitandukanye. Ibi bigomba gukorwa hashingiwe ku mabwiriza agomba gutangwa n'inzego ziri ku ruhembe mu guteza imbere ihame ry'uburinganire ziyobowe na Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango. Hakenewe kandi ingamba nyinshi kugira ngo ibi bimaze kuvugwa bigerweho.

Hakenewe gushyira imbaraga mu mikorere n'imikoranire hagati y'inzego zose kuko ihame ry'uburinganire risaba kubahirizwa mu nzego zose. Kubazwa inshingano ni ngenzi cyane mu rwego rwo kwihutisha ishyirwamubikorwa by'iyi politiki.Gahunda y'imyaka itanu y'ishyirwa mu bikorwa rya politiki y'uburinganire yakozwe kugira ngo igaragaze uruhare rw'abafatanyabikorwa bose muri iyi politiki. Inshingano za buri rwego mu ishyirwa mu bikorwa ry'iyi politiki zirasobanutse neza kuva mu igenamigambi n'ishyirwamubikorwa.

## *Kwihutisha ihame ry'uburinganire muri gahunda zose no kubazwa Inshingano biganisha ku mpinduka mu Iterambere rirambye*

### 1. Iriburiro

#### *1.1. Ibisobanuro by' amagambo*

Ibisobanuro by'amagambo ajyanye n'uburinganire yakoreshejwe muri iyi politiki byakuwe mu bitabo bitandukanye, cyane cyane biva mu Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku bana (UNICEF) "*Gender Equality Glossary Terms and Concepts*"[1]nk'uko bisobanurwa mu bika bikurikira:

- ***Genda(Gender):*** Ni uburyo bw'imibereho y'abantu bahabwa n'umuryango mugari, bigashimangirwa n'umuco bagenderaho, bushyiraho itandukaniro ry'imiterere y'abagabo n'abagore, abahungu n'abakobwa, bikagena inshingano, imirimo,imyitwarire, icyubahiro bihabwa umuntu kuko ari uw'igitsina gabo cyangwa gore, bishobora guhinduka bijyanye n'igihe, umuco n'ahantu.

- ***Uburinganire(Gender Equality) :*** Ukugira uburenganzira n'amahirwe bingana hagati y'abagabo n'abagore. Uburinganire bushingiye ku guha agaciro haba ku bitandukanya cyangwa ku byo abagabo n'abagore bahuriyeho n' inshingano za buri wese. Uburinganire bushingiye kwerekana ko umugabo n'umugore ari magirirane, mu rugo, ahabazengurutse no muri sosiyete muri rusange. Uburinganire ntibusobanura ko abagabo n'abagore bazaba kimwe mu miterere, ahubwo bivuze ko uburenganzira n'amahirwe n'inshingano bidakwiriye gushingira ko umuntu yavutse ari uw'igitsina gabo cyangwa uw'igitsina gore.

- Gukuraho ubusumbane hagati y'abagabo n'abagore(Gender Equity) n'uburyo bwo kugera ku buringanire busesuye bukubiyemo gushyiraho ingamba zihariye z'igihe gito zifatwa kugira ngo zikemure imbogamizi zibangamiye by'umwihariko abagabo cyangwa abagore. Urugero: imyanya mu nzego zifata ibyemezo, mu itangwa ry'akazi. Mu gihe uburinganire bugeze ku rugero rushimishije, izo ngamba ntiziba zigikenewe gukoreshwa.

- ***Kongerera abantu ubushobozi (Empowerment):*** Bivuga kongerera umuntu ubushobozi haba mu miyoborere, imibereho myiza no mu bukungu, kugira ngo ashobore kwiteza imbere ku giti cye cyangwa n'umuryango we muri rusange. Kongerera ubushobozi umugore bituma ashobora kugira imbaraga n'ubushobozi mu gufata icyemezo ku buzima bwe. Ibi bisaba ubukangurambaga, kumwubakira icyizerekumwongerera ubushobozi butuma ashobora guhitamo, kugira umutungo no kuwugiraho ijambo hamwe no kugira ubushobozi bwo guhindura imiterere y'inzego hagamijwe gukurahoubusumbane n'ivangura hagati y'abagabo n'abagore.

- ***Serivisi z'imari (financial inclusion)***: bisobanuye, *kugira uruhare kuri serivisi z'imari harimo, gufunguza konti, gushyiraho no gukuraho amafaranga ndetse no kwaka inguzanyo*

[1] UNICEF (2017). *Gender Equality Glossary Terms and Concepts, November 2017*

*muri za banki z'ubucuruzi n'ibindi bigo by'imari hagamijwe gukemura ibyifuzo n'ibikenewe mu iterambere ry'ubukungu hagati y'umugore n'umugabo*[2].

- ***Kwinjiza ihame ry'Uburinganire mu nzego zose (Gender mainstreaming)*: ** Ni gahunda y'igihe kirekire mu kwita ku mbogamizi n'ibibazo hagati y'abagabo n'abagore, abahungu n'abakobwa bahura na byo ndetse bikitabwaho mu ntangiro ya buri gikorwa cyose, haba mu gutekereza Politiki, gahunda na porogaramu, umushinga, mu ishyirwa mu bikorwa ryabyo , mu ikurikirana n'isuzumabikorwa ryose kandi mu nzego zose hagamijwe kuziba icyuho mu buringanire hagati y'abagabo n'abagore, abahungu n'abakobwa mu iterambere ry'Igihugu. Mu yandi magambo, ni gahunda igamije gushishikariza inzego zose kwita ku buringanire n'iterambere no gukosora ubukererwe mu iterambere bw'igice kimwe cy'abantu, baba abagore cyangwa abagabo.

- ***Kwita ku ihame ry'uburunganire (Gender Sensitive)*:** Ni uburyo bwo kuba gahunda, politiki n'ibindi bikorwa byose ndetse n'abantu byita ku ihame ry'uburinganire no kuvanaho icyuho cy'uburinganire hagati y'abagabo n'abagore, abahungu n'abakobwa kandi hakazirikanwa ku miterere karemano y'abagabo n'abagore. Ibi byerekeza ku gutekereza no gushaka ibisubizo ku mbogamizi zose haba mu mibereho myiza, mu bukungu, cyangwa umuco bishobora gutera ivangura rishingiye ku gitsina ku bagore cyangwa abagabo[3].

- ***Ingamba zimakaza uburinganire (Gender responsiveness)*:** Ni uburyo bw'igenamigambi, aho gahunda, politiki n'ibikorwa bisubiza ibibazo bituruka ku itandukaniro ry'imibereho y'abantu mu muryango mugari bigatera ubusumbane hagati y'abagabo n'abagore.

- ***Ingengo y'imari yubahirije uburinganire (*Gender-responsive budgeting/GRB)*:* Ni uburyo igenamigambi, gahunda n'ingengo y'imari bikorwa bigamije ku guteza imbere uburinganire no kugera ku burenganzira busesuye bw'abagore. Igamije kugaragaza ingamba n'ibikorwa bikenewe mu kuziba icyuho cy'uburinganire hagati y'abagabo n'abagore muri za politiki, igenamigambi n'ingengo y'imari mu nzego zose. Ingengo y'imari yubahirije uburinganire igamije kandi gusesengura ingaruka zitandukanye zo kwita ku buringanire mu kuzamura no kugena ingengo y'imari ya leta hamwe n'inkunga z'abafatanyabikorwa.

- ***Imyumvire itandukanye ku ihame ry'uburinganire (*Gender stereotyping)**:** bivuze imyumvire abantu bafite ku bandi bishingiye ku bibaranga n' inshingano zabo ukurikije ko ari abagabo cyangwa abagore n'ibyo bategerejweho mu muryango mugari. Iyi myumvire ku ihame ry'uburinganire ishobora kuba mibi Iyi myumvire ishimangirwa cyane cyane mu bitangazamakuru, mu mashuri, amadini n'amatorero, mu miryango n'ahandi, aho abagabo n'abagore bafite imirimo itandukanye nk'uko bigenwa n'umuryango mugari .... Bisobanuye kandi kwitiranya inshingano hagendewe ku miterere karemano n'inshingano zigenwa

[2] Adapted from financial inclusion dimensions in Finscope 2012, 2016, and 2020.
[3] National Gender Policy, Ministry of Gender, Children and Social Protection, Republic of Ghana, May 2015

n'umuryango mugari barimo. Iyi myumvire iba mibi igihe ikumira amahitamo y'umugabo cyangwa umugore ku byo yiga cyangwa akora no kugena icyerekezo cy'ubuzima bwe.

- ***Ingamba zihariye zo guteza imbere uburinganire (affirmative action)*:** Ni ingamba zihariye z'igihe gito zifatwa mu gihe abagore cyangwa abagabo, abahungu cyangwa abakobwa badahagarariwe cyangwa bigaragaye ko bakiri inyuma muri gahunda zitandukanye z'iterambere.

- ***Imirimo idahemberwa (unpaid care works)*:**bivuga imirimo yose itishyurwa ikorerwa mu rugo ku bagize umuryango , muri yo harimo kwita ku bagize umuryango, isuku n'isukura, guteka n'indi imirimo yo mu rugo , imirimo y'ubukorerabushake , n' ibikorwa rusange aho umuntu atuye. Ibi bikorwa byitwa akazi, kubera ko umuntu udashoboye kubyikorera, ashaka ubimukorera akamuhemba.

- ***Isesengura ry'Uburinganire (Gender analysis):*** ni isuzuma ryimbitse ryerekana itandukaniro mu nshingano hagati y'umugabo n'umugore, ibikorwa byabo, ibyo bakenera, uburenganzira n'amahirwe bahabwa bigira ingaruka ku bagabo, abagore, abahungu n'abakobwa mu bihe no mu buryo bitandukanye. Isesengura ry'uburinganire rireba isano iri hagati y' abagabo n'abagore, uburyo babona bakanakoresha umutungo n'inzitizi bahura nazo zishingiye ku miterere yabo.

- ***Icyuho hagati y'igitsina gore n'igitsina gabo (Gender gap):*** ni itandukaniro rigaragaza ubusumbane hagati y'abagabo n'abagore, abahungu n'abakobwa, cyane cyane bigaragarira mu buryo bagera ku ntego zabo, kugira uburenganzira ku mutungo n'uburyo bagira uruhare mu iterambere ry'Igihugu.

- ***Kwimakaza uburinganire (*Engendering**)**: ni inzira yo kwemeza ko igenamigambi ryita ku bibazo n'ibyifuzo by'igitsina gore n'igitsina gabo. Yibanda ku gutekereza, gushyira ihame ry'uburinganire mu bikorwa harimo no kubazwa inshingano, byose biganisha ku mpinduka z'iterambere ry'Igihugu, abagabo n'abagore bose babigizemo uruhare.

- ***Ihohotera rishingiye ku gitsina*(GBV):** Igikorwa icyo ari cyo cyose gikorerwa umuntu haba ku mubiri, mu mitekerereze, ku myanya ndangagitsina no ku mutungo, kubera ko ari uw'igitsina gore cyangwa uw'igitsina gabo. Icyo gikorwa kimuvutsa uburenganzira bwe kandi kikamugiraho ingaruka mbi. Iryo hohoterwa rishobora gukorerwa mu ngo cyangwa hanze yazo; ihohotera rishingiye ku gitsinarigira ingaruka ku bagore, ku bagabo, ku bahungu n'abakobwa ku giti cyabo, kumuryango no ku gihugu muri rusange

## *Kwihutisha ihame ry'uburinganire muri gahunda zose no kubazwa Inshingano biganisha ku mpinduka mu Iterambere rirambye*

- ***Uburinganire bushingiye ku mibare*:** Ni ihame rishingiye ku mibare ingana y'abagabo n'abagore, abahungu n'abakobwa ugereranije n'imibare rusange y'abaturage.

### *1.2. Amateka y'uburinganire*

U Rwanda rwashyize imbaraga mu guteza imbere uburinganire kuva aho rushyiriye umukono ku Itangazo ry' Inama Mpuzamahanga ya kane yabereye i Beijing na gahunda yayo y'ibikorwa (Beijing Declaration and Platform for Action -BDfA), nyuma y'umwaka umwe gusa u Rwanda ruvuye muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Hagiyeho kandi inzego zishinzwe guteza imbere ihame ry'uburinganire by'umwihariko Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango, urwego rushinzwe kugenzura iyubahirizwa ry'Uburinganire mu Rwanda n'izindi nzego zi tandukanye zishinzwe guteza imbere uburinganire, kubakira ubushobozi abagore no kubaza inshingano z'ibyo abantu/inzego zikora ku bijyanye no kubahiriza ihame ry'uburinganire hagati y'abagabo n'abagore. Ibi ni bimwe mu bikorwa by'indashyikirwa u Rwanda rwakoze mu guteza imbere ihame ry'Uburinganire. Igihugu cyashoboye kandi guteza imbere uburinganire no guha ubushobozi abagore haba mu igenamigambi, ingengo y'imari no mu ishyirwa mu bikorwa ryabyo.

Kuva hashyirwaho icyerekezo cy'u Rwanda 2020 u Rwanda rwashyize ingufu nyinshi mu guteza imbere uburinganire n' iterembere y'abagore n'abakobwa by'umwihariko. Uburinganire ni kimwe mu bibazo bihurirwaho kandi kigomba kwitabwaho n'inzego zose (coss-cutting) mu cyerekezo cya 2020 n'ingamba zakurikiyeho zishyira mu bikorwa icyo cyerekezo nka Gahunda ya EDPRS 1 & 2 na NST-1.

Guteza imbere uburinganire bikubiyemo ingamba zikurikira: gukomeza gushyiraho amavugurura agamije kunoza imikorere, cyane cyane mu bijyanye n'amategeko n'imyubakire y'inzego, uburezi, kurwanya ubukene, kurandura ivangura iryo ari ryo ryose ndetse no gushyiraho ingamba zihamye zifasha abagore kugira amahirwa yo kwiteza imbere harimo kubona akazi, kugera kuri serivisi z'imari, kugira ubumenyi bwo kwihangira imirimo no kubona amasoko.

Ku bijyanye n'amategeko, Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015 rishimangira uburinganire bw'Abanyarwanda n'ubw'abagabo n'abagore bushimangirwa n'uko abagore bagira nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'imyanya mu nzego zifatirwamo ibyemezo. Ibi bikaba byaratanze umusaruro ugaragara aho abagore bahagarariwe mu nzego zifata ibyemezo kuva ku rwego rw'Igihugu kugeza mu nzego z'ibanze zegerejwe abaturage.

U Rwanda rwashyizeho n'andi mategeko ashimangira ihamery'uburinganire hagati y'abagabo n'abagore mu igenamigambi no mu ngengo y'imari by'inzego, uburenganzira bwo gucunga imitungo y'abashyingiranywe, impano n'izungura, uburenganzira ku butaka , gukumira no guhana ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'ayandi.

## *Kwihutisha ihame ry'uburinganire muri gahunda zose no kubazwa Inshingano biganisha ku mpinduka mu Iterambere rirambye*

Mu rwego rwo guteza imbere umugore mu bukungu, hatewe intambwe igaragara mu gutuma abagore n'abakobwa na bo bagira uburenganzira ku butaka, kugera kuri serivisi z' imari ndetse no kurushaho gukoresha ikoranabuhanga.

Ihame ry'uburinganire kandi rigaragara mu burezi, aho u Rwanda rumaze kuziba icyuho cyane cyane mu mibare y'abana b'abahungu n'abakobwa mu mashuri abanza n'ayisumbuye no kwiyongera k'ubwitabire bw'abakobwa mu kwiga amasomo ajyanye n'ubuhanga n'ubumenyingiro. Ibi bigaragarira na none mu bipimo by'ingenzi by'ubuzima cyane cyane bijyanye n'ubuzima bw'umwana, ubw'umubyeyi n'ubuzima bw' imyororokere.

Muri rusange, ihame ry'uburinganire ryinjijwe muri gahunda zose z'Igihugu harimo icyerekezo 2020, Gahunda ya Governoma y'imyaka irindwi (NST1), Icyerekezo 2050, igenamigambi ry'uturere ry'igihe kirekire ndetse no mu zindi nzego.

Politiki y'Igihugu y'Uburinganire ya 2010 ni yo politiki ya mbere y'uburinganire mu Rwanda isobanura intego, ibyifuzo by' Icyerekezo 2020 harimo no kwita ku ihame ry' uburinganire. Intego rusange y'iyi politiki y'Igihugu ni uguteza imbere uburinganire mu Rwanda binyuze mu nzira isobanutse yo kwinjiza uburinganire mu nzego zose z'iterambere ry'Igihugu.

Politiki y'uburinganire ivuguruye iteganya uburyo inzego zitandukanye zizashyira mu bikorwa ihame ry'uburinganire harimo gukurikirana, gusuzuma no guhuza ibikorwa na za politiki zijyanye nabyo. Iyi politiki yakozwe hitawe ku ihame ry'uburinganire mu buzima bwose bw'igihugu (muri politiki zitandukanye, ingamba n'igenamigambi muri rusange).

Kugira ngo u Rwanda rugere ku buringanire nyabwo nk'uko biri mu cyerekezo gishya cya 2050 na Gahunda ya Goverinoma y'imyaka irindwi(NST1)byagaragaye ko ari ngombwa kuvugurura politiki y'igihugu y'uburinganire ya 2010 kugira ngo ibikorwa biteganijwe muri Politiki nshya bishobore kugera ku ntego z'uburinganire bwifuzwa muri 2050. Iyi Politiki y'uburinganire iri mu cyerekezo kimwe na gahunda zitandukanye Igihugu cyiyemeje kugenderaho mu ruhando mpuzamahanga, harimo:

- Gahunda ya HeForShe yo muri 2015ikubiyemo gushishikariza abagabo n'abahungu guteza imbere uburinganire no gushyigikira abagore n'abakobwa mu iterambere ryabo by'umwihariko gukuraho imbogamizi zose zituma batagaragaza ubushobozi bifitemo.
- Politiki y'uburinganire y'Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba, Gahunda 2063 y'Umuryango w'Afurika yunze Ubumwe yemejwe mu 2015 iteganya ko Afurika yo mu 2063 izaba ifite uburinganire bwuzuye, aho abagore bazaba bafite nibura 50% by'imyanya itorerwa mu nzego za Leta ndetse na kimwe cya kabiri cy'imyanya y'ubuyobozi mu nzego za Leta n'izabikorera.[4].

[4]African Union (2015). Agenda 2063, The Africa We Want, Popular version, April 2015.

## *Kwihutisha ihame ry'uburinganire muri gahunda zose no kubazwa Inshingano biganisha ku mpinduka mu Iterambere rirambye*

- Politiki y'uburinganire ya COMESA[5]yibanda ku kwimakaza ihame ry'uburinganire hagati y'aabagabo n' abagore, abahungu n'abakobwa mu bikorwa byayo byose byo mu karere hagamijwe ko abagabo n'abagore bitabira kandi bagakungurirwa kugira uruhare rungana mu iteremabere ry'Akarere.

- Politiki y'Uburinganire y'Umuryango wa Afurika \Yunze Ubumwe (2009) ishimangira ubuvugizi hagamijwe guteza imbere buringanire no kubahiriza uburenganzira bwa muntu, iterambere ry'umugore by'umwihariko kumwongerera ubushobozi ku rwego mpuzamahanga, urwa Afurika, Akarere, n'ibihugu bigize Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe.

- Gahunda y'uruhare rw'Abagore mu kubungabunga amahoro n'umutekano, Umwanzuro wa 1325 w'Akanama k'Umuryango w'Abibumbye gashinzwe umutekano ku isi (UNSCR 1325) ujyanye n'uruhare rw'abagore mu kubungabunga amahoro n'umutekano wemejwe mu 2000, ugaragaza ko abagore bagira uruhare rukomeye mu gukumira, gucunga no gukemura amakimbirane, kubaka amahoro ndetse n'inzira y'ubwiyunge nka bamwe mu bagerwaho n'ingaruka z'umutekano muke n'amakimbirane.

  Kubera izo mpamvu, iyi politiki isaba kwinjiza ihame ry'uburinganire mu nzego zose zifata ibyemezo no kurandura ihohotera rishingiye ku gitsina ry'uburyo bwose no mu nzego zose. U Rwanda ni kimwe mu bihugu byashyize mu bikorwa uyu mwanzuro wa 1325 binyuze muri gahunda zitandukanye zirimo iteganyabikorwa ry'Igihugu(NAP) mu mwaka, gahunda y'igenabikorwa by'Igihugu (National Action Plans -NAP). Mu mwaka wa 2009, u Rwanda rwakoze iteganyabikorwa ry'imyaka itatu (2009-2012) ryo gushyira mu bikorwa umwanzuro wavuzwe hejuru. Muri Werurwe 2019, hatangijwe ku mugaragaro iteganyabikorwa ry'Igihugu icyiciro cya kabiri (2018-2022) mu rwego rwo gushimangira uruhare rw'abagore rwagaragajwe n'ishyirwa mu bikorwa ry'iteganyabikorwa ryabanje.

- Icyerekezo 2030 cy'Intego z'Iterambere Rirambye (SDGs) zigamije guteza imbere abagore n'abakobwa, guhabwa uburenganzira n'amahirwe angana ku isi hose kugira ngo abagore n'abakobwa babeho nta hohoterwa n'ivangura bibakorerwa. Uburinganire, iterambere ry''umugore no ku mwongerera ubushobozi ni imwe mu ntego 17 z'iterambere rirambye, ariko kandi igomba kwinjizwa mu zindi gahunda zose z'iterambere rirambye[6].

---

[5] Undated
[6] SDG5: Achieve Gender equality and empower all women and girls

### *1.3. Impamvu yo kuvugurura politiki y'uburinganire*

Ivugururwa rya Politiki y'Igihugu y'Uburinganire ya 2010 rishingiye ku mpamvu enye z'ingenzi: Iya mbere: nubwo Guverinoma y'u Rwanda yateye intambwe igaragara mu guteza imbere uburinganire hagati y' abagabo n'abagore, kandi hagashyirwaho ingamba mu kwigisha uburinganire no gushyiraho amategeko n'inzego bihamye bigamije kubuteza imbere, haracyakenewe imbaraga nyinshi kugira ngo ihame ry' uburinganire ryubahirizwe kandi ryumvikane kurushaho mu byiciro byose by'Abanyarwanda.

Ubumenyi budahagije mu kwinjiza uburinganire mu nzego zitandukanye bikomeje kugaragara nk'imbogamizi ituma igenamigambi n'ishyirwamubikorwa rya gahunda zitandukanye zidasubiza uko bikwiye, ibibazo bibangamiye abagabo n'abagore, abahungu n'abakobwa. Imyumvire mibi n'imigirire ifitanye isano n'umuco udaha agaciro abagabo cyangwa abagore bidindiza iterambere ry'uburinganire. Na none kandi, kuva hashyirwaho politiki y'Igihugu y'uburinganire ya 2010, byagaragaye ko hagikenewe kubaka uburyo bunoze bwo kubazwa ibyo abantu bakora mu guteza imbere uburinganire. Kubera ibyo bibazo hamwe n'ibindi bikomeje kugaragara bigenda bivuka, bisaba ko hashyirwaho politiki nshya n'ingamba nshya.

Icya kabiri, umwaka w'ingengo y'imari wa 2018/2019 ni umwaka wa kabiri wo gushyira mu bikorwa gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi Gahunda yo kwihutisha iterambere (NST1, 2017-2024), ihuza icyerekezo 2020 na 2050. Ibyifuzo by'ingenzi by'icyerekezo 2050 bigamije kuzamura imibereho y'Abanyarwanda ku rwego rwo hejuru. Kubera iyo mpamvu, Politiki y'igihugu y'uburinganire yavuguruwe mu rwego rwo kugaragaza uruhare rw'uburinganire mu biteganijwe mu Cyerekezo cy'Igihugu 2050.

Icya gatatu: Politiki y'Igihugu y'uburinganire ivuguruye igamije gushimangira ibyo u Rwanda rwiyemeje kugeraho mu ruhando mpuzamahanga no kubishyira mu bikorwa. Muri byo, harimo amasezerano yerekeye kurwanya ihohoterwa iryo ari ryo ryose rikorerwa umugore (CEDAW), Itangazo ry' Inama Mpuzamahanga ya kane yabereye i Beijing na gahunda yayo y'ibikorwa(1995), Amasezerano yashyiriweho umukono i Maputo y'inyongera ku masezerano y'uburenganzira bwa muntu n'ubw'abaturage bushimangira uburenganzira bw'abagore muri Afurika (2003), Itangazo ku buringanire muri Afurika (2004), Politiki y'uburinganire mu Muryango waAfurika y'Iburasirazuba, Politiki y'uburinganire muri COMESA, Politiki y'uburinganire mu Muryango wa Afurika yunze Ubumwe, Intego z'Iterambere Rirambye (SDGs), gahunda 2063 y'Umuryango w'Ubumwe bw'Afurika hamwe n'imihigo ya HeForShe (2015) n'ibindi.

Icya kane:uretse mu nzego za Leta, kwinjiza ihame ry'uburinganire mu nzego z'abikorera ntibyashyizwemo imbaraga muri politiki yabanje, bityo hakaba hakenewe gahunda mpinduramatwara mu kwimakaza ihame ry'uburinganire mu nzego z'abikorera.

Uruhare rw'abagabo n'abahungu mu guteza imbere uburinganire ruracyari ruto bitewe n'uko nta ngamba zihariye zo gutuma abagabo n'abahungu bagira uruhare rugaragara mu bikorwa biteza imbere uburinganire. Bityo byagaragaye ko hari igikwiye gukorwa mu gushishikariza abagabo n'abahungu gushyigikira uburinganire n'iterambere ry'ubagore.

Kubera izo mpamvu, iyi politiki yubakiye ku byagezweho na politiki ya yibanjirije, ikaba iteganya ibikorwa byo kuziba ibyuho byagaragajwe ndetse nibikomeje kugaragara mu rugendo rwo kwimakaza ihame ry' uburinganire mu Rwanda.

### *1.4. Uko Politiki yavuguruwe*

Ivugururwa rya Politiki y'Igihugu y'Uburinganire ryakozwe hakoreshejwe uburyo butandukanye burimo gusoma inyandiko zitandukanye, isesengura ryimbitse, guhura no kuganira n'abafatanyabikorwa batandukanyetandukanyetandukanye ndetse n'inama zitandukanye zakozwe mu gutanga ibitekerezo no kwemeza iyi politiki kuri buri rwego..

1) ***Isesesngura:*** intambwe ya mbere yakozwe mu kuvugurura iyi politiki y'Uburinganire, yabaye kureba no gusuzuma inyandiko tandukanye zirimo ibitabo, raporotandukanye, politike na gahunda zijyanye n'uburinganire. Icyari kigamijwe si ugusuzuma gusa uburinganire bw'umugabo n'umugore uko buhagaze mu Rwanda ahubwo harebwaga n'uko ihame ry'uburinganire ryinjijwe mu zindi gahunda no mu nyandiko za politiki y'igihugu mu byiciro byose. Kuri iki cyiciro, hasuzumwe kandi amategeko n'amahame y'inzego zishinzwe guteza imbere uburinganire n'iterambere ry'umugore.

2) ***Kugirana inama n'abafatanyabikorwa:*** Hakozwe inama n'abafatanyabikorwa batandukanye. Ku rwego rw'Igihugu, inama zakozwe ku nzego zikurikira: Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango (MIGEPROF), Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi (MINECOFIN), Minisiteriy'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC), Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi(MINAGRI),Urwego rw'iIgihugu rushinzwe kugenzura iyubahirizwa ry'Uburinganire (GMO), Inama y'Igihugu y'Abagore (NWC), Impuzamiryango Pro-femmes Twese Hamwe, Urugaga rw'abagore ba rwiyemezamirimo muri PSF, Ikigo cya Kaminuza y'u Rwanda cyigisha Ihuriro ry'Abayobozi b'Amadini, Imiryango itari iya leta ari yo UN WOMEN, CARE International, Action Aid International na RWAMREC. Ibindi bigo byinshi bya leta n'abikorera, kimwe n'indi miryango mpuzamahanga byarabajijwe kandi bitanga ibitekerezo muri uru rwego.

***Ibiganiro ngishwanama mu nzego z'ibanze ndetse no ku rwego rw'abaturage mu Turere icumi*Uturere tubiri muri buri Ntara zose wongeyeho n' Umujyi wa Kigali.**

Muri buri Karere, hatoranijwe imirenge ibiri aho abantu batandukanye abagabo n'abagore, urubyiruko, abagore bakora ubacuruzi, amahuriro y'uburinganire ku mashuri) bose baraganirijwe, kugira ngo hakusanywe amakuru n'ibitekerezo byabo mu kuvugurura politiki nshya y'Uburinganire mu Rwanda.

Guhitamo uturere kwari gushingiye ahanini ku kureba itandukaniro riri mu ubuzima bwo mu cyaro no mu mijyii. Hitawe no kureba umwihariko mu bice bimwe na bimwe byo mu gihugu bijyanye n'imyumvire ku ihame ry'uburinganire n'iterambere ry'umugore.

Muri buri karere hatoranijwe imirenge ibiri na none hakurikije imirenge yo mucyaro n'iyo mu mujyi, umurenge umwe wegereye ibiro by'Akarere bityo ikaba ifatwa nk'ifite ibice by'umujyi ndetse n'indi iri kurere mu cyaro.Uturere twatoranijwe muri buri ntara zose n'Umujyi wa Kigali ni utu dukurikira Kicukiro na Gasabo mu Mujyi wa Kigali; Kamonyi na Gisagara mu Ntara y'Amajyepfo; Rubavu na Rusizi mu tara y'Iburengerazuba; Musanze na Burera mu Ntara y'Amajyaruguruajyaruguru; Bugesera na Nyagatare mu Ntara y'Iburasirazuba. Nibura imirenge ibiri muri buri karere yakorewemo ibiganiro byihariye n'abaturage (Focus Group Discussions).

***Inama n'amahugurwa:*** Habaye inama n'amahugurwa ku bafatanyabikorwa batandukanye zihuriweho na za minisiteri n'abafatanyabikorwa mu iterambere hagamijwe kwemeza inyandiko zihuriweho..Mu gutangira iki gikorwa cyo kuvugurura iyi politiki hagiyeho itsinda ry'abakozi bo mu nzego zitandukanye, bashinzwe gusuzuma no gukora ubugororangingo kuri buri nyandiko ya politiki mbere y'uko iganirwaho mu nama zitandukanye kugeza yoherejwe mu Nama y'Abaminisitiri kugira ngo yemezwe.

## 2. Uburinganire ku rwego rw'Igihugu, mu Karere no ku rwegompuzamahanga

### 2.1. Uburinganire mu rwego rw'amategeko

#### *2.1.1. Uburinganire mu Itegekonshinga rya Repubulika y'u Rwanda*

Guverinoma y'u Rwanda yiyemeje cyane guteza imbere uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'Abanyarwanda bose, yita cyane cyane ku batishoboye ndetse n'Abanyarwanda amateka agaragaza ko basigaye ari bo bagenerwabikorwa ba gahunda zita ku batishoboye. Ingingo ya 16 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe muri 2015 iteganya ko *"Abanyarwanda bose bavukana kandi bakomeza kugira uburenganzira n'ubwisanzure bingana. Ivangura iryo ari ryo ryose ryaba irishingiye ku bwoko, ibara ry'uruhu, igitsina, urwego rw'ubukungu, ubumuga bw'umubiri cyangwa bwo mu mutwe…. birabujijwe kandi bihanwa n'amategeko*". Ni muri urwo rwego, Itegeko Nshinga ryemerera guhagararirwa mu Nteko Ishinga Amategeko ibyiciro byihariye by'Abanyarwanda barimo urubyiruko, abagore, abafite ubumuga,

By'umwihariko ku bagore, Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, riteganya byibura imyanya ingana na 30% ku bagore mu nzego zose zifata ibyemezo[7]. Guverinoma y'u Rwanda ifata guteza imbere ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye

[7] Article 10, paragraph 4.

n'uburenganzira bwa muntu, guha uburenganzira bungana abagabo n'abagore, kurwanya ibikorwa by'ivangura n'imyumvire yimakaza ubusumbane no guhezwa.

### *2.1.2. Uburinganire mu yandi mategeko y'ingenzi*

2.1.3. Mu ishyirwa mu bikorwa rya Politiki y'Igihugu y'Uburinganire yo mu 2010, u Rwanda rwashyizeho amategeko atandukanye agamije gukomeza guteza imbere uburinganire no kongerera ubushobozi abagore. Aya mategeko arimo akurikira: *Itegeko Ngenga N° 12/2013 ryerekeye ingengo y'imari igenewe ibikorwa byita ku buringanire:* Iri tegeko riteganya kugenzura no gukurikirana iyubahirizwa ry'isaranganya ry'ingengo y'imari ryita ku buringanire mu nzego zosebikorwa bitandukanye kandi mu nzego zose. Umugereka w'inyandiko igaragaza uko ibikorwa byo gusaranganya ingengo y'imari bikorwa washyikirijwe abagize Inteko Ishinga Amategeko imitwe yombi. *Itegeko Nº27/2016 ryo ku wa 08/07/2016 rigenga imicungire y'umutungo w'abashakanye, impano n'izungura.* Iri tegeko riteganya kwita ku bana, bemewe n'amategeko ku buryo bungana mu izungura nta vangura iryo ari ryo ryose hagati y'abana b'igitsina gabo n'ab'igitsina gore no kwita ku burenganzira bw'uwo bashakanye ukiriho akagira uruhare mu izungura.

a) *Itegeko N° 32/2016 ryo ku wa 28/08/2016 rigenga abantu n'umuryango:* Iri tegeko rigenga abantu n'umuryango, amasano n'uburyo abantu bagomba kubana amasano ari hagati y'abantu n'uburyo bwo kubana. Rikubiyemo ingingo zitandukanye zijyanye n'uburenganzira n'inshingano z'abagabo n'abagore.

b) *Itegeko N°003/2016 ryo ku wa 30/03/2016 rishyiraho kandi rikanagena imitunganyirize y'ubwishingizi bw'ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara:* Iri egeko rigena ibiteganyirijwe umubyeyi uri mu kiruhuko cyo kubyara. Rirengera umubyeyi uri mu kiruhuko cyo kubyara n'umwana we.

c) *Itegeko N° 27/2021 ryo ku wa 10/06/2021 rigenga ubutaka*: Iri tegeko riha uburenganzira bungana ku butaka abagabo n'abagore mu kubutunga no kububyaza umusaruro.

d) *Itegeko N° 66/2018 ryo ku wa 30/08/2018 rigenga umurimo mu Rwanda*: Iri tegeko riteganya ko abakozi barindwa ihohotera rishingiye ku gitsina n'ihohotera iryo ari ryo ryose rikorerwa mu kazi.

*e)* *Itegeko Nº68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange:* rigena igihano cy'ihohotera rishingiye ku gitsina), mbere ryafatwaga nk'ikibazo cyo mu muryango. Iri tegeko kandi rishimangirwa n'itegeko ngenga *N*° 01/2012/OL ryo ku wa 02/05/2012 rishyiraho igitabo cy'amategeko ahana cyane cyane mu ngingo zirebana

n'icyaha cyo gusambanya abana, icuruzwa ry'abantu, gukoresha uwo mwashakanye imibonano mpuzabitsina ku gahato no gushyingirwa ku gahato.

f) <u>*Itegeko N°71/2018 ryo ku wa 31/08/2018 ryerekeye kurengera umwana*</u>: Iri tegeko ririnda abana bose ihohoterwa iryo ari ryo ryose.

g) <u>*Iteka rya Minisitiri w'Intebe N°001/03 ryo kuwa 11/01/2012 rigena uburyo inzego za Leta zikumira ihohotera rishingiye ku gitsina rikanagena uburyo bwo kurengera uwahohotewe*</u>. Iri teka riha inshingano inzego zose za Leta n'iz'abikorera yo gukumira ihohotera rishingiye ku gitsina, gukurikirana uwarikoze no kumushyikiriza ubutabera .

## *2.2. Uburinganire muri politiki y'igihugu n'igenamigambi*

### *2.2.1. Uburinganire mu Cyerekezo 2020 n'Icyerekezo 2050*

Ibarura rusange rya kane ry'abaturage ryo mu 2012 (RPHC4, 2012) ryagaragaje ko abagore bangana na 52% by'abaturage bose batuye u Rwanda, bivuze ko ari bo benshi. Icyerekezo 2020, gikubiyemo ko guteza imbere uburinganire gisaba cyane cyane kuvugurura no guhuza amategeko y'igihugu ateza imbere ihame ry'buringanire, kigaragaza kandi ko hagomba gutezwa imbere uburezi kuri bose, kurwanya ubukene no gushyira mu bikorwa politiki nziza itavangura iteza imbere abagore n'abakobwa hibandwa ku masomo y'imyuga n'ubumenyingiro, urwego rw'amashuri makuru ndetse itanga amahirwe angana ku isoko ry'umurimo. Byongeye kandi, uburinganire buzakomeza kwitabwaho muri politiki zose na gahunda z'iterambere mu nzego zose kuva ku rwego rw'igihugu kugera mu nzego z'ibanze zegerejwe abaturage.

Uburinganire ni imwe mu nkingi za mwamba z'Icyerekezo 2050 giteganya ko mu mwaka w'2030, u Rwanda ruzaba ruri cyiciro cyo hejuru cy'ibihugu bifite ubukungu buciriritse no kuzagera ku ntego yo kuba mu 2050, u Rwanda ruzaba ruri mu bihugu bifite ubukungu buteye imbere.

b Intego ni uko gahunda zo guteza imbere uburinganire n'ubwuzuzanye binyuze muri gahunda zitagira uwo ziheza (guteza imbere uburinganire, gahunda zigamije kurwanya ubukene, ubumwe n'ubufatanye). Ibi bisaba ko uburinganire bufatwa nk'inkingi y'iterambere rirambye.

***2.2.2.Gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi yo kwihutisha iterambere:*** Muri Gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi yo kwihutisha iterambere (NST1 2017-2024), kubaka umuryango ushoboye kandi utekanye no guteza imbere uburinganire bigarukwaho muri gahunda zitandukanye zirimo: korohereza abagore gukorana n'ibigo by'imari, kwinjiza ihame ry'uburinganire muri gahunda zo guhanga imirimo, kongerera ubushobozi ibigo n'inzego zishinzwe guteza imbere uburinganire, guteza imbere Gahunda Mbonezamikuririe y'Abana bato

muri buri mudugudu no gukomeza guteza imbere uburinganire n'ubwuzuzanye hagamijwe guha amahirwe buri Munyarwanda.

Mu bindi bikorwa byihutirwa bikubiye muri Gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi yo kwihutisha iterambere (NST1), harimo gushimangira ingamba zo gukumira no kurwanya ihohotera rishingiye ku gitsina (GBV), kurwanya ihohotera rikorerwa abana binyuze mu gushyiraho no gushimangira ubumwe bw'imiryango, kwishakamo ibisubizo,, gushyira mu bikorwa gahunda zo guha serivisi zikomatanyije abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina bigakorwa ku bufatanye n'abikorera, imiryango itari iya Leta (CSO), amadini n'amatorero, no gukora ubukangurambaga bw'abaturage.

### *2.2.3. Politiki n'ingamba zihariye zireba uburinganire*

Gahunda zitandukanye z'igenamigambi ry'igihugu n'izindi zitandukanyezose zigaruka ku ihame ry'uburinganire ndetse zikubiye mu ngamba z'igihe kirekire z'inzego zigamije Iterambere kuva ku rwego rw'igihugu no mu Ngamba z'Iterambere ry'Uturere ku rwego rw'akarere. By'umwihariko, buri rwego ruba rugomba kugaragaza ibikorwa byihariye mu igenamigambi ryarwo uko ruzateza imbere ihame ry'uburinganire; nk'uko bigaragara muri Politiki y'Igihugu y'Uburinganire yo mu 2010.

Mu rwego rwo gukurikirana iyubahirizwa ry'uburinganire mu nzego zitandukanye, Guverinoma y'u Rwanda yashyizeho uburyo bwo kubazwa uko iri hame ryubahirizwa binyuze mu ngengo y'imari igenewe kwita ku buringanire (GRB) binyuze mu nyandiko zigaragaza uko uburinganire bw'abagabo n'abagore buzinjizwa mu ngengo y'imari mu rwego rwo gukurikirana uko byubahirizwa kuva ku rwego rw'igihugu kugeza mu nzego z'ibanze. Muri buri ngamba z'igihe kirekire z'nzego zigamije iterambere no mu ngamba z'iterambere ry'uturere, hagomba kugaragaramo uburyo bw'ikurikiranabikorwa bwerekana ibikorwa byihariye kandi bifatika bizagenderwaho mu gusuzuma ibikorwa byakozwe biteza imbere ihame ry'uburinganire.

### **2.2.4.** ***Uburinganire mu Ngamba z'Iterambere ry'Uturere(DDS)***

Mu 2018, uturere twose two mu Rwanda twashyizeho Ingamba z'Iterambere ry'Uturere (DDS), bigaragaza imigabo n'imigambi yatwo yo gushyira mu bikorwa ibikubiye muri Gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi yo kwihutisha iterambere. Ingamba z'Iterambere ry'Uturere zishimangira guteza imbere uburinganire no guha amahirwe angana abanyarwanda bose. Izi ngamba kandi zigaruka ku guhanga imirimo myiza igenewe urubyiruko n'abagore binyuze muri Gahunda ya Guverinoma yo guhanga imirimo, kugabanya ubukene bubangamira abagore no kurwanya ihohotera rishingiye ku gitsina. Ibi kandi bikubiye mu igenamigambi n'ibikorwa bya buri mwaka no mu mihigo y'uturere.

2.3. ***Gushyiraho inzego zo guteza imbere uburinganire:*** Mu rwego rwo gukomeza guteza imbere uburinganire n'ubwuzuzanye no kongerera abagore ubushobozi, Guverinoma y'u Rwanda yashyizeho inzego zishinzwe guteza imbere iri hame zigize ikitwa 'National Gender Machinery' kigizwe n'inzego enye zikurikira:

- *Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango (MIGEPROF):* Ni urwego rwa Leta rushinzwe gushyiraho ingamba no guhuza ishyirwa mu bikorwa rya politiki, amategeko na gahunda zirebana n'iterambere ry'umuryango, uburinganire, kongerera ubushobozi abagore no gukemura ibibazo bibangamiye uburenganzira bw'abana.

- *Urwego rushinzwe kugenzura iyubahirizwa ry'uburinganire (GMO)* ni urwego rwashyizweho n'ingingo ya 139 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015 rufite uruhare rwo gukurikirana iyubahirizwa ry'ihame ry'uburinganire mu nzego zose z'igihugu n'abafatanyabikorwa batandukanyehagamijwe kugera ku buringanire,

- *Inama y'Igihugu y'Abagore (NWC:)* ni urwego rufite intego yo kubaka ubushobozi bw'abagore no guharanira uruhare rwabo mu iterambere ry'igihugu binyuze mu buvugizi n'ubukangurambaga bw'abaturage. Inama y'Igihugu y'Abagore igizwe na komite ziri kuri buri rwego, aho kuri buri rwego komite igizwe n'abanyamuryango barindwi kuva ku rwego rw'igihugu, , intara, Umujyi wa Kigali ndetse n'inzego z'ibanze.

- *Ihuriro ry'abanyarwandakazi bari mu Nteko Ishinga Amategeko (FFRP)*: Iri huriro rifite inshingano zo guharanira no gukora ubuvugizi ku bijyanye n'amategeko ateza imbere ihame y'uburinganire haba mu Nteko Ishinga Amategeko no mu zindi nzego za Leta, guteza imbere no guharanira uburenganzira bwa muntu by'umwihariko uburenganzira bw'abagore n'abana.

### *2.4. Uko uburinganire buhagaze mu karere no ku rwego mpuzamahanga*

Ibikorwa by'u Rwanda bijyanye no guteza imbere uburinganire ntibitandukanye n'iby'Akarere u Rwanda ruherereyemo ndetse n'iby'isi muri rusange. Iri vugurura rifasha guhuza politiki y'uburinganire n'imirongo migari yaba iyo mu karere u Rwanda ruherereyemo no ku rwego mpuzamahanga, mu rwego rwo kugira ngo ize isubiza ibibazo kandi ijyanye n'ibyo u Rwanda rwiyemeje n'amasezerano mpuzamahanga rwashyizeho umukono harimo akurikira

- Kwemezwa kw' Amasezerano Mpuzamahanga y'Uburenganzira bwa Muntu yo muri Mata 1975.
- Amasezerano yo mu 1980 yemejwe mu 1981 yo guhagarika ihohotera iryo ari ryo ryose rikorerwa abagore n'abakobwa.

- Itangazo rya Beijing n'Ihuriro ry'ibikorwa byaranze impinduka ku mihigo y'u Rwanda yo guteza imbere uburinganire no kongerera abagore ubushobozi.
- Amasezerano Nyafurika ku Burenganzira bwa Muntu n'Uburenganzira bw'Umugore yitiriwe , Amasezerano ya Maputo yo mu 2004.

Mu rwego rwo gushimangira uburyo bwo kurwanya ihohotera rikorerwa abagore n'abana mu gihe cy'intambara n'amahoro, u Rwanda ni kimwe mu bihugu bigize Umuryango Mpuzamahanga n'uw'Ibiyaga bigari kandi rwashyize umukono ku masezerano yerekeye gukumira no kurwanya ihohotera rishingiye ku gitsina rikorerwa abagore n'abana.

### *2.4.1. Intego z'Iterambere Rirambye (SDGs)*

Inkingi zitandukanye z'Intego z'Iterambere Rirambye zigaruka cyane ku ihame ry'uburinganire ndetse na gahunda y'iterambere yo mu 2030. Inkingi ya gatanu ya gahunda y'iterambere rirambye 2030 by'umwihariko yahariwe guteza imbere uburinganire no kongerera ubushobozi abagore n'abakobwa bose. Ibipimo ngenderwaho birebana no guteza imbere uburinganire muri gahunda z'iterambere rirambye byashyizwe mu igenamigambi ry'ibikorwa by'iterambere ry'igihugu nka Gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi ryo kwihutisha iterambere, ingamba z'inzego, n'ingamba z'iterambere ry'uturere. Mu nkingi ya gatanu ya Gahunda y'Iterambere Rirambye, ibikorwa byihutirwa birimo: guhagarika ivangura iryo ari ryo ryose rikorerwa abagore n'abakobwa, kurandura ihohotera iryo ari ryo ryose rikorerwa abagore n'abakobwa mu nzego za Leta n'abikorera, harimo gucuruza abantu, irishingiye ku gitsina n'ubundi bwoko bwose bw'ihohotera rishingiye ku gitsina, guhagarika imirimo y'ingufu ikoreshwa abana, gushyingirwa ku gahato, gukatwa bimwe mu bice by'imyanya ndangagitsina ku bakobwa, no guharanira ko abagore n'abakobwa bahabwa amahirwe n'uburenganzira bingana byo kujya mu nzego zifatirwamo ibyemezo haba mu nzego za politiki, ubukungu, imibereho n'imiyoborere myiza.

### *2.4.2. Uburinganire mu Cyerekezo cy'Umuryango w'Afurika Yunze Ubumwe 2063*

Icyerekezo cy'Umuryango w'Afurika Yunze Ubumwe 2063 cyemejwe cyatangijwe mu 2013 nk'umurongo uhuriweho wo kugera ku iterambere ridaheza kandi rirambye muri Afurika mu myaka mirongo itanu iri imbere. Iki cyerekezo cyubakiye ku zindi gahunda zabanje zigamije kwihutisha iterambere ry'umugabane wa Afurika. Ku ngingo irebana n'uburinganire, iki cyerekezo cyibanda ku kongerera ubushobozi abagore mu nzego zose zirimo imibereho myiza, ubukungu ndetse na politiki biganisha ku guteza imbere ubukungu hamwe n'amahirwe yagutse y'akazi, cyane cyane ku rubyiruko n'abagore. Iki cyerekezo kandi, giteganya kubaka umugabane wa Afurika utagira uwo uheza yaba abana, abagabo n'abagore.

### *2.4.3. Uburinganire muri cyerekezo 2050 cy'Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba*

Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba ugaragaza ko guteza imbere uburinganire no kongerera ubushobozi abagore ari inkingi ya mwamba izatuma abagore bagira uruhare mu iterambere

rirambye ry'akarere. Iki cyerekezo kigaragaza ko iterambere rirambye ridashoboka hatabayeho kongerera abagore ubushobozi no gukuraho inzitizi zose zibangamira abagore zikababababuza kugira uruhare rusesuye mu bikorwa by'iterambere.

Binyuze muri iki cyerekezo, ibihugu bigize Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba bigomba guhuza politiki z'uburinganire mu rwego rwo gukomeza guteza imbere uburinganire no kongerera abagore ubushobozi.

Icyerekezo 2050 cy'Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba kandi, kigamije gukuraho icyuho kikigaragara mu buringanire haba mu burezi bw'umwana w'umukobwa, uburinganire 'abagabo n'abagore, guhabwa amahirwe n'uburenganzira bingana mu kujya mu nzego za politiki, mu bukungu no ku nzitizi zikigaragara mu bice by'icyaro kandi zigira ingaruka ku itrambere ry'uburinganire.

### *2.4.4. Uburinganire mu Masezerano Nyafurika y'Uburenganzira bwa Muntu n'Abaturage*

Amasezerano Mpuzamahanga y'Uburenganzira bwa Muntu n'abaturage yita ku burenganzira bw'abagore muri Afurika yemejwe muri Nyakanga 2003. Muri ayo masezerano, ibihugu byayashyizeho umukono byiyemeje kurwanya ivangura iryo ari ryo ryose rikorerwa abagore, binyuze mu gushyiraho politiki n'amategeko , gushyiraho inzego n'izindi ngamba, zirimo izi zikurikira:

(i) Kugaragaza mu itegeko nshinga ry'ibihugu n'andi mategeko ingingo zirebana no guteza imbere uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'abagabo n'abagore igihe byaba bitarimo kandi hagashyirwaho uburyo bwo gukurikirana uko byubahirizwa, Gushyiraho no gushyira mu bikorwa neza amategeko n'ingamba zo gukumira ivangura iryo ari ryo ryose cyane cyane ibikorwa byangiza ubuzima bw'umugore n'imibereho myiza muri rusange. Kwinjiza amahame y'uburinganire mu byemezo byabo bya politiki, amategeko, igenamigambi, gahunda n'ibikorwa ndetse no mu bindi bikorwa;

(ii) Gufata ingamba zikosora ahakigaragara ivangura rikorerwa abagore ;

(iii) Gushyigikira ibikorwa byaba iby'imbere mu gihugu, mu karere no mu rwego rw'umugabane wa Afurika bigamije kurandura ivangura iryo ari ryo ryose, rikorerwa abagore;

(iv) Ibihugu byashyize umukono kuri aya masezerano byiyemeje kandi no guhindura imyumvire y'abagabo n'abagore ishingiye ku muco n'imigirire binyuze mu kwigisha, guhererekanya amakuru hagamijwe gukuraho imyumvire ishingiye ku muco

n'imyemerere itsikamira cyangwa ipyinagaza cyangwa igaha ububasha bwisumbuye igitsina icyo ari cyo cyose n'igena uko abagabo cyangwa abagore bagomba kwitwara.

## 3. Isesengura ry'Imiterere y'Uburinganire

### 3.1. *Uburinganire muri Gahunda z'Iterambere Rirambye* Kwegerezwa ibikorwa bibyara umusaruro

a) ***Kugira uburenganzira ku butaka bwo guhinga n'irindi shoramari:*** Kuva ibarura n'iyandikishwa ry'ubutaka ryarangira mu 2013, habayeho impinduka nziza ryo guha uburenganzira bungana abagabo n'abagore ku bijyanye no guhabwa uburenganzira ku butaka. Raporo ya Beijing + 25 yagaragaje ko 59.9% by'ubutaka bwanditswe ku bashakanye (abagore n'abagabo), 24,6% bwanditswe ku bagore naho 14.27% gusa ari bwo bwanditswe ku bagabo[8]. N'ubwo bimeze bityo ariko, haracyari imbogamizi zijyanye n'ububasha buke bw'abagore mu ngo ku mikoreshereze y'ubutaka mu buhinzi kimwe no gukoresha umusaruro w'ubuhinzi n'ubwo hari hasanzwe hari amategeko n'ibikorwa by'ubukangurambaga kuri iyi ngingo[9]. Byongeye kandi, gukoresha ibyangombwa by'ubutaka nk'ingwate biri gutera imbere, n'ubwo bidahagije (kugeza ubu 38% by'abagore ni bo basaba inguzanyo batanze ingwate y'ubutaka) bitewe n'izindi mbogamizi ziriho zirimo; inyungu ihanitse n'ubushobozi bucye bwo gutegura imishinga ya banki cyangwa gutegura gahunda z'ubucuruzi.

b) ***Uburinganire mu buhinzi:*** N'ubwo kubona no gukoresha imbuto nziza n'inyongeramusaruro muri rusange bireba abagabo n'abagore, iki kibazo kigaragara cyane cyane ku bahinzi b'abagore, aho 8% ari bo bonyine bakoresha imbuto nziza n'inyongeramusaruro ugereranyije na 18% by'abagabo. Ku bijyanye n'inyongeramusaruro, abagore ni 15% bakoresha ifumbire mvaruganda mu gihe abagabo ari 20%. Ku bijyanye n'ifumbire y'imborera, imikoreshereze ikurikira inzira imwe, aho 75% by'abagabo ari bo bayikoresha ugereranije na 45% by'abagore mu matsinda yabo, ibyerekana itandukaniro riri hagati y'abagabo n'abagore mu gukoresha inyongeramusaruro kugira ngo wiyongere[10]. Na none, guhagararirwa kw'abagore muri serivisi zagutse biracyari hasi cyane. Abagore bangana na 28% ni bo bari mu mashuri y'ubuhinzi ugereranije na 72% by'abagabo, 20% by' abakangurambaga mu by'ubuhinzi ni abagore mu gihe abagabo ari 80%, 18% by'abashinzwe ubuhinzi ku rwego rw'umurenge (abagoronome) ni abagore naho abagabo bangana na 82%.

[8]GMO (May, 2019). Beijing + 25 Rwanda Country Report. Gender Monitoring Office, Kigali, Rwanda
[9] Kelsey et all (2014). The Gendered nature of land and property rights in post-reform Rwanda. Kigali; Rwanda. USAID| Land project
[10]GMO (2016). Gender Profile in Agriculture. Gender Monitoring Office, Kigali, Rwanda.

c) ***Gukorana n'ibigo by'imari**:* Guverinoma y'u Rwanda yashyize imbaraga mu korohereza abaturage gukorana n'ibigo by'imari haba mu cyerekezo 2020 no muri Gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi yo kwihutisha ubukungu, no kubona imari mu cyerekezo cya 2020 hamwe na NST-1. Abagera ku 93% byAbanyarwanda bakorana n'ibigo by'imari, bivuze ko bagerwaho na serivisi z'imari haba mu buryo buteye imbere cyangwa ubuciriritse bubafasha kugera kuri serivisi bifuza (FinScope, 2020[11]). N'ubwo bimeze bitya ariko, ubushakashatsi bwerekana ko abagabo benshi ari bo bakorana n'amabanki (81.3%) naho mu bigo by'imari biciriritse, abagabo bakorana nabyo bangana na 11,9% ugereranyije n'umubare w'abagore bangana na 18.5%. Kuba umubare w'abagore bakorana n'ibigo by'imari ukiri hasi, bigira ingaruka ku kuba badafite ubushobozi n'ububasha buhagije mu by'ubukungu. Byongeye kandi, imyumvire y'uko gukorana n'ibigo by'imari bivuze kuba ufite nibura konti mu kigo cy'imari cyemewe (amabanki y'ubucuruzi, ibigo by'imari biciriritse na SACCOs) no kwegerezwa ikigo cy'imari, bivuguruza ishingiro ryo kugerwaho na serivisi zitangwa n'ibi bigo by'imari bigomba no kwerekana ubushobozi bw'abantu mu kubona ibicuruzwa cyangwa serivisi zitandukanye. Byongeye kandi, hari ibimenyetso byerekana ingaruka nyinshi no kutitabira kw'abagore gusaba serivisi z'imai zigamije kuborohereza kugerwaho n'imari (urugero, ikigega cy'ubwishingizi bw'ubuhinzi, ikigo cy'ishoramari mu cyaro, inkunga ya nyuma y'isarura).

**d)** ***Guhabwa amahirwe yo gupiganirwa amasoko ya leta**:*Ubushakashatsi bwakozwe mu mwaka wa 2018 ku masoko mu Rwanda, bwerekanye ko mu masoko 161 yatoranijwe, amasoko yapiganiwe mu mwaka wa 2016-2017, abagore batsindiye 11% gusa, bikaba bingana na 4% by'agaciro k'amafaranga yatanzwe. Ibi byerekana icyuho kiri hagati y'abagabo n'abagore mu itangwa ry'amasoko aho abagore basa nk'aho bahejwe bityo bigatuma batabasha kugerwaho na serivisi z'imari.. Ikindi kandi ni uko nta ngamba zashyizweho zo gukemura iki kibazo kirebana n'ipiganwa ry'amasoko ya Leta.

### 3.1.1. Kwihangira imirimo, guteza imbere ubucuruzi no gutanga akazi

**a)** ***Kwihangira imirimo no guteza imbere ubucuruzi:*** Uburinganire mu kwihangira imirimo no guteza imbere ubucuruzi bisaba uruhare rw'abagabo n'abagore, kandi bisaba ubuhanga n'ubushobozi. Aha hagaragara uruhare ruto rw'abagore ugereranije n'urw'abagabo. Mu ikwirakwizwa ry'imishinga mito n'iciriritse, bigaragara ko 55% by'ibigo byo mu mijyi ari iby'abagabo ugereranije na 45% by'abagore, mu gihe mu cyaro, abagabo bafite 83.4% by'ibigo ugereranije n'abagore bafite 17%. Usibye icyuho cy'ubumenyi buriho mu kwihangira imirimo no guteza imbere ubucuruzi, haracyari ibibazo bijyanye no kubona igishoro cyo gutangiza imishinga kimwe no kutagira ingamba ziwuherekeza, kugira ngo

[11] FinScope (2020). FINSCOPE CONSUMER SURVER REPORT 2020, Kigali, Rwanda.

iterambere ry'imishinga yatangiye rikomeze nyuma yo kwiyandikisha. Ubucuruzi bw'abagore, ba rwiyemezamirimo hanze y'Umujyi wa Kigali, n'abakorera hanze y'urwego rwa serivisi, baterwa inkunga na Banki y'Isi; raporo ivuga ko igaragaza ubusumbane hagati y'abagabo n'abagore, itandukaniro rishingiye ku gitsina mu kubona imari, ubumenyi buke mu kwihangira imirimo no guteza imbere ubucuruzi, imirimo yo mu rugo idahemberwa, n'ibindi)

b) ***Uburenganzira ku murimo:*** Umubare w'abashomeri mu Rwanda waragabanutse mu myaka itatu ishize. Mu by'ukuri, umubare w'abashomeri ukomeje kuba 16% hagati Kanama 2019 na Kanama 2020 1213. Muri rusange, ubushomeri bw'abagore buri hejuru, 19.7% (muri 2020 Q3) ugereranije na 13% ku bagabo mu gihe kimwe. Byongeye kandi, umubare w'abakozi bitabira umurimo ni 43.7% ku bagore na 61.9 ku bagabo muri Kanama 2020.

Umubare w'abagore mu mirimo itanga amafaranga uracyari muto cyane cyane mu bayobozi bakuru ndetse n'abayobozi bakuru b'ibigo binini. Ubushobozi bw'abagore mu kunoza uruhare rwabo mu bakozi bushingiye ku buhanga n'ubumenyi bahabwa ugereranyije n'isoko ry'umurimo, ubushobozi bw'ubukungu buzana imirimo myiza; ndetse n'imyizerere cyangwa umuco bishobora kubuza abagore gukora ibintu bidasanzwe nk'imyuiga y'ububaji, ubwubatsi, ubukanishi, n'ibindi.

c) *Kwishyira hamwe mu miryango yo mu karere:* U Rwanda ruri mu miryango myinshi y'ubukungu mu karere, irimo Umuryango w'Ubukungu w'Ibihugu by'Ibiyaga Bigari (CEPGL), Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba (EAC), Isoko Rusange ry'Afurika y'Iburasirazuba n'iy'Amajyepfo (COMESA) n'Umuryango w'Ubucuruzi wa Afurika Yunze Ubumwe uherutse gushingwa. Gushyira hamwe kw'akarere biha amahirwe menshi Abanyarwanda, abagabo n'abagore kugira ngo bateze imbere ubucuruzi bwabo, kwagura amasoko y'ibicuruzwa na serivisi bikorerwa mu Rwanda kandi bungukirwa n'ibikoresho/amahirwe bitangwa muri iyi miryango y'ubukungu mu karere.

Dukurikije ibivugwa mu ngingo ya 76 na 104 ziri mu masezerano y'Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba, Amasezerano rusange y'isoko ry'uyu muryango yungukirwamo ibi bikurikira: ubucuruzi bwambukiranya imipaka, urujya n'uruza rw'abantu, uburenganzira bwo gushaka akazi, uburenganzira bwo gutura, ihererekanya ry'ibicuruzwa na serivisi. By'umwihariko, hashyizweho amasezerano ashimangira guha abaturage uburenganzira busesuye n'amahirwe angana hagamijwe kwimakaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y' abagabo n'abagore kimwe no guteza imbere no kubungabunga uburenganzira bw'amatsinda y'abantu bafite ibibazo byihariye kandi batishoboye. Ku rundi ruhande, haracyagaragara icyuho cy'uburyo

[12] National Institute of Statistics of Rwanda (2019). Labour force Survey Trends, Kigali 2019
[13] National Institute of Statistics of Rwanda (2019). Labour force Survey Trends, Kigali 2020

abagabo n'abagore bo mu Rwanda babyaza umusaruro amahirwe yashyizweho muri iyi miryango y'ubukungu.

### 3.1.2. Kutoroherezwa kugera kuri serivisi zagutse z'ubuhinzi

Kugeza ubu uko abakozi basaranganywa mu mirimo, byerekana ko umubare munini w'abagore (62.7%) bakora cyane cyane mu buhinzi, amashyamba, uburobyi bitandukanye n'ibikorwa bikorwa n'abagabo biri ku rugero rwa 43.1%. N'ubwo umubare munini w'abagore ukora ibikorwa by'ubuhinzi, ni bacye muri bo bagira uruhare mu buhinzi bwagutse ugereranyije n'abagabo kandi hari ubusumbane muri uyu mwuga, bikagaragarira cyane mu bafashamyumvire mu by'ubuhinzi bahugura abahinzi-borozi bose (2,547), 34% bonyine ni bagore. Ibi binagaragarira kandi mu makoperative y'ubuhinzi aho 42% ari abagore mu banyamuryango bayo naho abagabo bakaba 58%. Byongeye kandi, kurushaho kwegereza abagore serivisi z'ubuhinzi bwagutse, bifite inyungu zitandukanye nko kongera uruhare muri gahunda zitandukanye z'ubuhinzi no kunoza uruhare mu bikorwa byo gufata ibyemezo bijyanye n'ubutaka n'ubuhinzi[14].

### 3.1.3. Kwegerezwa serivisi z'Ikoranabuhanga

Kwegerezwa serivisi z'ikorabuhanga, korohereza kubona serivisi z'imari nko kugezwaho amafaranga binyuze kuri telefone zigendanwa, kwiga ikoranabuhanga mu buryo bworoshye n'ikoreshwa ry'iyakure ku bagore b'abanyeshuri, biracyarimo icyuho kigargara kuko 36% na 37% by'abagore bitabira kandi barangije amasomo ajyanye ikoranabuhanga n'itumanaho. Ku bijyanye no gukoresha serivisi z'imari kuri telefone zigendanwa (kohereza no kwakira amafaranga), abagore bagera kuri 56% ugereranije na 68% by'abagabo.

### 3.1.4. **Kutagira ubundi buryo bwunganira ingufu n'ibicanwa bisanzwe**

Gukoresha inkwi bikomeje kuba isoko y'ingufu zo guteka mu ngo ziyobowe n'abagore (84.7%) hamwe no kubona ibicanwa nk'amakara (13%), imyanda ituruka ku bihingwa (0.8%), Gazi (0.9%) na Bio-gaz (0,6%). Iyi mibare irerekana ikibazo gikomeje kugaragara cyo gukoresha inkwi nk'isoko nyamukuru y'ingufu zo guteka kandi abagore n'abana ni bo batashya hashingiwe ku muco n'imyumvire gakondo, ibi bikaba byongera akazi k'umugore kadahemberwa kandi bikanabangamira iterambere rye.

[14] GMO (2018). The status of gender equality in Rwanda: From transition to transformation, Gender Monitoring Office, Kigali, Rwanda.

### *3.2. Uburinganire muri gahunda z'imibereho myiza y'abaturage*

#### 3.2.1. Uburinganire mu burezi

U Rwanda rwateye intambwe ishimishije mu kwimakaza ihame ry'uburinganire mu rwego rw'uburezi haba mu mashuri abanza ayisumbuye na kaminuza aho abakobwa biyandikishije mu mashuri bari hagati ya 49.7% na 53.2% mu mwaka w' 2018, biterwa n'uko habayeho ibikorwa bitandukanye biteza imbere uburezi bw'umwana w'umukobwa. Gahunda y'uburezi bw'ibanze bw'imyaka 12 n'ibindi bikorwa by'ingenzi biganisha guha amahirwe umwana w'umukobwa. Ku rundi ruhande, haracyagaragara ubwitabire buri hasi , bw'abagore n'abakobwa mu masomo y' Ikoranabuhanga n'itumanaho (41.8% mu 2017), mu mashuri makuru (38%), mu mashuri y'imyuga n'ubumenyingiro (43.8% mu 2018) n'umubare w'abakobwa biyandikishije mu masomo ya Siyanse, Ikoranabuhanga, n'imibare (STEM, 45,6% mu 2018), umubare ukomeje kuba muto ugereranije n'uw'abagabo.

#### 3.2.2. Kwegezwa serivisi z'ubuzima bw'imyororokere

Hari byinshi byakozwe mu guteza imbere iterambere ry'ibipimo by'ingenzi by'ubuzima cyane cyane ibijyanye n'ubuzima bw'umwana, ubuzima bw'umubyeyi n'ubuzima bw'imyororekere. Nyamara, ijanisha ry'abagore bakoresha uburyo bugezweho bwo kuboneza urubyaro riracyari hasi n'ubwo ryagiye ryiyongera kugera kuri 58% mu2019/2020 buvuye kuri 48% mu 2014/2015 na 45% muri 2010. Ku bijyanye n'ubuzima bw'imyororokere, abagore baracyabura ibikenewe, aho 14% by'abagore bubatse ubu batagerwaho neza na serivisi zita ku kuboneza urubyaro. Mu bagore bubatse bafite imyaka iri hagati ya 15-49, 10% batangaje ko bifuza kubyara undi mwana (mu myaka 2 nyuma yo kubyara) mu gihe 34% bifuza kubyara undi mwana (nyuma y'imyaka 2 cyangwa irenga); 49% by'abagore bo batangaje ko batifuza kongera kubyara mu gihe 2% bamaze kwifungisha naho 3% batangaje ko batazabyara[15][16]. Bihujwe na Gahumda ya Guverinoma y'imyaka irindwi yo kwihutisha iterambere, biragaragara ko hakenewe imbaraga nyinshi zo gufasha kugeza serivisi z'ubuzima nziza kuri bose, kumenyekanisha serivisi z'ubuzima bw'imyororokere no kuboneza urubyaro, kongera umubare w'abitabira serivisi zo kuboneza urubyaro ukava kuri 48% (2013/14) ukagera kuri 60% mu 2024.

Ubushakashatsi ku mibereho y'abaturage n'ubuzima buheruka (RDHS 2019/2020) bwagaragaje ko umubare w'abagore bubatse bitabira serivisi zo kuboneza urubyaro ari 77.8%; ibivuze ko hatewe intambwe ishimishije. Biteganyijwe ko muri Gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi yo kwihutisha iterambere, hazashyirwa imbaraga nyinshi mu gukora ubukangurambaga bufasha kubona amakuruna serivisi zo kuboneza urubyaro no kwegereza abaturage imiti kugira ngo hirindwe inda zitateganijwe no kwirinda indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina hibandwa cyane cyane ku rubyiruko.

[15] RDHS, 2013/14
[16] RDHS, 2019/2020

### 3.2.3. Ubukene na gahunda y'imibereho myiza

U Rwanda rwateye intambwe igaragara mu kugabanya ubukene hagati y'abagabo n'abagore n'ubwo abagore bakomeza kuba abakene kurusha abagabo. EICV5 yerekana ko 39.5% by'imiryango iyobowe n'abagore bakiri mu bukene ugereranije na 37,6% by'imiryango iyobowe n'abagabo muri 2016/2017.

Mu bijyanye n'imibereho myiza, abagore ni bo benshi bahabwa inkunga y'ingoboka (58.3% ugereranije na 41.7% by'abagabo, hagati y'umwaka wa 2013/2014 na 2017/2018) bivuze ko abagore bagize umubare munini w'abatishoboye bafashwa muri gahunda ya VUP. Ikigaragara ni uko abagore bakomeje kwibasirwa n'ubukene kurusha abagabo. Byongeye kandi, hari ishami rya VUP ryitwa **E-Public Works** rifasha abagore badashobora kwitabira gahunda ya VUP, nka gahunda y'imirimo rusange kubera inshingano zo kwita kubana bato, abasaza n'abafite ubumuga.

### 3.2.4. Amazi, isuku n'isukura

Muri rusange, u Rwanda rwateye imbere mu kugera ku isukura binyuze mu kugira umubare w'abagabo n'abagore bayoboye ingo bafite iby'ibanze mu kugera ku isukura n'ubwo umubare w'ingo ziyobowe n'abagore 80,6%) ari muto ugereranije n'uw'ingo ziyobowe n'abagabo (88.0%). Mu gihe umubare w'ingo ziyobowe n'abagabo zidafite ubwiherero wagabanutse (kuva 5.8% muri 2010/2011 ugera kuri 2.8% muri 2016/2017), umubare w''imiryango iyobowe n'abagore wo wariyongereye (kuva 6.4% kugera kuri 6.8%).

Muri rusange, umubare w'ingo zifite isuku wariyongereye mu baturage b'u Rwanda. Umubare w'ingo ziyobowe n'abagore zishobora kubona ibikoresho by'isuku (80,6%) ni muto ugereranije n'uw'ingo ziyoborwa n'abagabo (88.0%). Ibi bifitanye isano n'ubusumbane ku mutungo winjira mu ngo ziyobowe n'abagabo cyangwa abagore. Imbaraga zashyizwe mu gukuraho imbogamizi zibangamiye isuku n'isukura mu miryango muri rusange.

### 3.2.5. Uko ihohotera rishingiye ku gitsina rihagaze n'imitangire ya serivisi

Kubaho no kwaguka kw'ibigo byita ku bahohotewe (Isange One Stop Centre) mu gihugu hose byagize uruhare runini mu gukemura ibibazo bijyanye no gutanga serivisi ku muntu wahuye n'ihohotera rishingiye ku gitsina (GBV) muri rusange no kunoza imitangire ya serivisi zijyanye nabyo. Gahunda ya leta yo kugeza serivisi za IOSC mu bigo nderabuzima bizongera uburyo bwo kugera ku bahohotewe muri rusange kandi bigire uruhare mu kurinda no gukumira iki kibazo.

Kuba hariho ibigo 44 bya ISange One Stop Centers mu bitaro by'uturere na gahunda y'ubukangurambaga ku kurwanya ihohotera rishingiye ku gitsina byatumye habaho kuvuga no gutanga amakuru ku ihohotera rishingiye ku gitsina haba irikorerwa abagabo n'abagore.

#### 3.2.6. Uruhare rw'Abagabo mu guteza imbere uburinganire

Guverinoma y'u Rwanda n'abafatanyabikorwa bayo bemeza ko ari ngombwa ko abagabo n'abahungu bagira uruhare rugaragaramu guteza imbere uburinganire n'ubwuzuzanyekugira ngo mu gushyiraho amategeko atavangura igitsina gabo na gore. Urugero:Itegeko Nº 32/2016 ryo kuwa 28/08/2016 rigenga umuryango n'abantu rigena uburyo abashyingiranywe (umugoren'umugabo) bagomba gufatanya gucunga urugo, gutanga ubufasha bugaragara mu gutunga umuryango, kuwurinda ihungabana kimwe no kubungabunga urugo rwabo mu buryo ubwari bwose bushoboka[17].

Ni muri urwo rwego, Guverinoma y'u Rwanda n'abafatanyabikorwa bayo bashora imari mu bikorwa bishingiye ku bagabo n'abahungu, mu gukora ubukangurambaga binyuze mubikorwa bitandukanye harimo gahunda ya HeforShe, Gahunda y'Uburinganire ku bigo bya Leta n'abikorera ndetse no gushyiraho ikigo (*Rwanda Men's Resource Centre* -RWAMREC), umuryango utegamiye kuri leta uteza imbere uruhare rw'abagabo mu guteza imbere uburinganire n'ubwuzuzanye. 'ubwo hari ingamba zihari, isesengura rya za politiki n'ingamba z'inzego hamwe n'uruhare rw'abafatanyabikorwa byagaragaje ko hakiri uruhare ruto rw'abagabo n'abahungu mu bikorwa byo guteza imbere uburinganire. Ku ruhande rumwe biterwa n'ubushake buke bw'abagabo bituruka ku muco n'imyumvire ikiri hasi ku buringanire, kimwe nuko abagore n'abakobwa birengagiza uruhare rw'abagabo n'abahungu nk'abafatanyabikorwa bakomeye.

### *3.3. Uburinganire n'iterambere mu miyoborere*

#### 3.3.1. Guhagararirwa kw'abagore mu nzego zifata ibyemezo

Itegekonshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015 riteganya uburinganire bw'Abanyarwanda bose no hagati y'abagabo n'abagore bushimangirwa n'uko abagore bagira nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'imyanya mu nzego zifatirwamo ibyemezo. Uburinganire hamwe na 30% biteganwa mu Itegeko Nshinga byatumye umubare w'abagore kwiyongera mu myanya ifatirwamo ibyemezo no mu nzego z'imiyoborere y'Igihugu. Gusa hariho bamwe bafata 30% nk'umubare ntarengwa abagore bagomba kugira mu myanya ifatirwamo ibyemezo bityo bikadindiza uburinganire n'iterambere ry'umugore by'umwihariko.

a) ***Guhagararirwa kw'abagore mu nzego za Leta:*** U Rwanda rwashyize ingufu mu kuzamura uruhare no kwitabira kw'abagore mu myanya ifatirwamo ibyemezo mu nzego za Leta. Ibi byatumye u Rwanda rugira umubare munini w'abagore bagize Inteko Ishinga Amategeko (Umutwe w'Abadepite) aho bangana na 61.3%. Na none kandi, abagore bahagarariwe no mu nzindi nzego zitandukanye z'Igihugu harimo abagore bangana na 53.3% muri guverinoma, 41% by'abagore ku mwanya w'Umunyamabanga uhoraho muri

[17] GoR (2019). Beijing + 25 Rwanda Country report. Government of Rwanda, Kigali, Rwanda

minisiteri zitandukanye, 49.7% by'abagore b'abacamanza, Abagore bangana na 26.7% by'abayobozi b'uturere na 45.2% by'abagore mu Nama Njyanama z'uturere.

**b)** ***Guhagararirwa kw'abagore mu rwego rw'abikorera:*** Gahunda yo gushyira mu bikorwa uburinganire (Gushimangira ihame ry'uburinganire) yatangijwe na PSF ku bufatanye na , GMO, n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ushinzwe abagore (UN Women) na UNDP. Umubare w'abagore mu nzego z'abikorera uracyari hasi cyane. Mu nzego z'abikorera, abagore bangana na 30% by'abaperezida, mu ngaga z'abikorera 10% bya na 70% bya visi perezida b'ingaga muri PSF[18]. Biragaragara rero ko hakenewe imbaraga nyinshi kugira ngo abagore benshi binjire cyane cyane mu myanya y'ibikorwa muri PSF.

Byongeye kandi, abagore bafite akazi n'abandi bashoboye gukora ariko batagafite bigaragara ko ari bake bangana 45.3% mu gihe 'abagabo bangana na 63.2% nyamara , usanga abagore biganje mu bikorwa bisanzwe bijyanye n'imibereho myiza kubera uko sosiyete yabatoje n'ibyo ibitezeho nka serivisi zo gusukura, gutunganya umusatsi, kudoda, kwita ku bashyitsi, n'ibindi bidahemberwa cyane ugereranije n'imirimo yitirirwa abagabo nk'ubwubatsi, ubwikorezi n'ibindi kandi usanga ihemberwa menshi.

**c)** ***Guhagararirwa kw'abagore mu itangazamakuru:*** Guhagararirwa kw'abagore mu bitangazamakuru biracyari hasi cyane. Dukurikije uko uburinganire bwifashe muri raporo y'u Rwanda, abagore bahagarariye 24.5% nk'abanyamakuru bemewe, 12.4% by'abanditsi bakuru na 14.1% ba nyir'ibitangazamakuru. Hakenewe ingamba zifatika mu gushishikariza abagore benshi kwinjira mu mwuga w'itangazamakuru.

### 3.2.1. Kwinjiza Ihame ry'Uburinganire mu Nzego zose

Mu Rwanda, Ihame ry'Uburinganire n'Iterambere ry'Umugore byinjijwe mu nzego zose z'iterambere, harimo Icyerekezo cya 2020, Ingamba zigihe kirekire z'Iterambere ry'Uturere. Amahame y'uburinganire yagize umwanya mu itegurwa rya Gahunda ya Guverinoma y'Imyaka irindwi igamije kwihutisha iterambere (NST1) n'Icyerekezo cya 2050.

Guverinoma y'u Rwanda ibinyujije muri Ministeri y'Imari n'Igenamigambi (MINECOFIN) yatanze umurongo ngenderwaho muri 2008 hagamijwe gutanga icyerekezo mu kwinjiza ihame ry'uburinganire mu igenamigambi no mu ngengo y'imari by'inzego za Leta. Uwo murongo wateguwe kugira ngo ibibazo n'ibyifuzo by'abagabo n'abagore bishobore kwitabwaho mu igenamigambi n'Ingengo y'imari rya za minisiteri, inzego n'ibigo bya Leta n'uturere.

By'umwihariko, umurongo ngenderwaho ugaragaza intambwe zigomba gukurikizwa mu kwinjiza uburinganire mu igenamigambi no mu ngengo y'imari, harimo kuyobora iterambere no gushyira mu bikorwa ibikorwa , ingamba na gahunda ziteza imbere uburinganire no gutanga icyerekezo kirambuye uko gahunda zigomba gushyirwa mu bikorwa mu igenamigambi n'ingengo y'imari

[18] Idem

y'ibigo / abafatanyabikorwa hanyuma bigashyirwaho kandi bigahuzwa na gahunda yo guteganya ingengo y'imari yubahirije ihame ry'uburinganire.

### 3.2.2. Iteganyamigambi ry'imari yubahirije uburinganire

Guverinoma y'u Rwanda yashyizeho uburyo inzego zose za Leta zigomba kubahiriza no gukora ingengo y'imari yubahirije Uburinganire binyuze mu Itegeko Ngenga N° 12/2013/OL ryo kuwa 12/09/2013 ryerekeye imari n'umutungo bya Leta hagamijwe ku kugabanya icyuho cy'uburnganire mu ngengo y'imari cyane cyane ibibazo bibangamiye abagabo n'abagore bikitabwaho mu kugena no gukoresha ingango y'imari ya Leta.

Igikorwa cyo kwinjiza uburinganire mu ngengo y'imari muri gahunda zitandukanye z'Igihugu, bimaze gutera intabwe ishimishije binyuze mu ibaruramari ry'Igihugu kandi bifasha mu guteza imbere uburinganire bw'abagabo n'abagore bishingiye ku ngengo y'imari y'Igihugu.

Kugeza ubu, kwiyemeza guteza imbere uburinganire mu Rwanda byatanze umusaruro, harimo no kubazwa inshingano binyuze mu inyandiko zikorwa n'inzego zitandukanye(Minisiteri n'ibigo bizishamikiyeho hamwe n'uturere) zigaragaza uko uburinganire bw' abagabo n'abagore buzinjizwa mu ngengo y'imari.

Nubwo hari intambwe imaze guterwa mu guteza imbere uburinganire muRwanda, haracyakenewe imbaraga mu igenamigambi no kugena ingengo y'imari yubahirije uburinganire bw'abagabo n'abagore cyane mu bigo bya leta n'iby'ibikorera. Byongeye kandi, isuzuma[19]riheruka ryakozwe ku ngengo y'imari yubahirije ihame ry'uburinganire, ryerekanye ko mu gutegura ingengo y'imari yubahirije ihame ry'uburinganire, inzego zakunze kwibanda ku bikorwa bijyanye n'imibereho myiza, hakirengagizwa ibikorwa by'ubukungu kandi ari byo bigira uruhare runini mu guhindura no kuziba icyuho cy'uburinganire hagati y'abagabo n'abagore.

[19]GMO (2019). Institutionalizing gender accountability into budget statements (GBS) and Imihigo Performance Contracts. Ongoing study. Gender Monitoring Office, Kigali, Rwanda

## 4. Icyerekezo, umugambi, intego, n'amahame ngenderwaho bya Politiki

### *4.1. Icyerekezo n'umugambi bya politiki y'igihugu y'uburinganire*

A. **Icyerekezo:** Igihugu gifite uburinganire n'ubwuzuzanye biganisha ku mpinduka mu iterambere rirambye.

B. **Umugambi wa politiki y'igihugu y'uburinganir ivuguruye:** Gukuraho inzitizi n'ibyuho ku buringanire mu nzego zose no kwihutisha uburinganire muri buri bikorwa byose harimo no kubazwa inshingano hagamijwe kugira u Rwanda icyitegererezo ku isi mu bijyanye no guteza imbere uburinganire.

### *4.2. Intego rusange n'intego zihariye za politiki y'igihugu y'uburinganire*

A. **Intego rusange ya politiki y'igihugu y'uburinganire:** ni kunoza no guteza uguteza imbere uburinganire mu nzego zitandukanye, no kongerera abagore amahirwe yo kugira no gukoresha umutungo biteza imbere mu bukungu; na none hirindwa ihohoterwarishingiye ku gitsina n'ivangura iryo ari ryo ryose ryakorerwa abagabo cyangwa abagore.

**B. Intego zihariye za politiki y'igihugu y'uburinganire**

By'umwihariko, politiki y'uburinganire igamije:

(1) Gushimangira iyubahirizwa ry' ihame ry'uburinganire no kubazwa ibyo abantu bakora mu ishirwa mu korwa ry'ihame ry'uburinganire muri politiki na gahunda no gushyiraho uburyo buhamye bwo kugenzura ishyirwa mu bikorwa y'ihame ry'uburinganire mu nzego zose binyuze mu igenamigambi n'ingamba mu nzego za leta n'abikorera ;

(2) Guharanira ko abagabo n'abagore bagira uburenganzira n'amahirwe bingana byo kugira, gukoresha no gufata icyemezo ku mutungo mu rwego rwo kwiteza imbere;

(3) Kunoza ihame ry' uburinganire mu burezi, ubuzima no muri gahunda zose zijyanye n'imibereho myiza y'Abanyarwanda;

(4) Kugaragaza ibyiza biri mu muco wacu no kubyubakiraho mu guteza imbere uburinganire no kuziba icyuho ku buringanire giterwa n'imyumvire yo hasi yabaye karande isubiza inyuma ihame ry'uburinganire bw'abagabo n'abagore, abahungu n'abakobwa;

(5) Guharanira ko uruhare *rw'abagabo n'abahungu rugaragara mu guteza imbere ihame ry'uburinganire;*

(6) Kongera umubare w'abagore n'uruhare rwabo mu nzego z'ubuyobozi no mu myanya ifatirwamo ibyemezo;

(7) Kongerera ubumenyi n' ubushobozi inzego ku buringanire n'ubwuzuzanye, haba mu nzego za leta, inzego z'abikorera, amashuri makuru na za kaminuza, imiryango nyarwanda itari iya leta, ,amadini n'amatorero no mu baturage muri rusange.

(8) Gukomeza gushyiraho no kuvurura amategeko, politiki n'inzego mu rwego rwo kurushaho guteza imbere uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagabo n'abagore, abahungu n'abakobwa.

### *4.3. Amahame ngenderwaho*

- *Uburinganire bw'abagabo n'abagore, abahungu n'abakobwa :* uburinganire bugomba kumvikana nko guha uburenganzira n'amahirwe bingana ku bagabo n'abagore, abahungu n'abakobwa, aho gufatwa nk'ikibazo cy'imibereho n'imibanire rusange y'abantu cyangwa ikibazo kireba abagore gusa.

- *Uburinganire bugomba kwitabwaho no kugira agaciro mu nzego zose n'ahantu hose* Bivuze *ko uburinganire budakwiriye kwirengagizwa no kwibagirana, ahubwo inzego zose zigomba kwita ku hame ry'uburinganire mu bikorwa byose*.

- *Uburinganire ntabwo ari ikibazo cy'imibereho* n'imibanire y'abantu gusa ahubwo ni ihame ry'uburenganzira bwa muntu; ni n'inzira y'ingenzi mu kwihutisha iterambere rirambye ry'Igihugu, abantu bose bagizemo uruhare. Guha ubushobozi abagore bigaragara nk'igishoro cy'imibereho myiza n' Iterambere mu bukungu muri gahunda zose z'Igihugu.

- *Ubushake bwa Politiki:* hari ubushake bwa politiki bugaragara mu nzego zo hejuru muri guverinoma ndetse no mu nzego zose z'imiyoborere harimo ubuyobozi nshingabikorwa, Inteko Ishinga Amategeko, ubucamanza, sosiyete sivile, itangazamakuru, abikorera, amadini n'amatorero mu kwinjiza uburinganire mu bikorwa byose no kubazwa inshingano ku byo inzego zikora bijyanye n'ihame ry'uburinganire bw'abagabo n'abagore, abahungu n'abakobwa.

5. **Uko politiki ikozwe, , Ibikorwa by'ingenzi, n'ibibazo bizibandwaho hamwe n'ingamba ziteganijwe muri politiki ivuguruye**

### 6. *Uko Politiki y'Uburinganire ivuguruwe yubatse*

Politiki y'uburinganire ivuguruwe yubakiye ku ngingo umunani z'ingenzi zigizwe n'ibikorwa by'ingenzi bizibandwaho mu gusubiza intego zirindwi za politiki nk'uko byasobanuwe haruguru.

Mu kugena no gushyiraho ingingo z' ingenzi zizibandwaho muri iyi politiki hibanzwe ku bibazo nk'uko byagaragajwe hifashishijwe inkingi eshatu za Gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi yo kwihutisha iterambere(NST1) nk'uko kandi byasobanuwe mu isesengura ry'imiterere y'uburinganire mu bice byavuzwe haruguru (reba igice cya 3).

Nkuko bigaragara ku mbonerahamwe ya 1 ikurikira: Ingingo y'ingenzi (priority) ya 2 na 7 zikemura ibibazo bijyanye n'uburinganire byagaragaye munsi y'inkingi ya NST1 ijyanye no kwihutisha iterambere ry'Ubukungu. Ingingo ya 1, 3 na 4 zivuga ibibazo bijyanye n'uburinganire mu nkingi ya NST1 ijyanye no kwihutisha iterambere mu mibereho myiza ingingo ya 6 na 8 zikibanda ku nkingi ya NST1 ijyanye no kwihutisha iterambere mu miyoborere myiza naho Ingingo ya 5, n'ingingo yambukiranya/ifata izindi ngingo zose

**Imbonerahamwe 1: Ingingo z'ingenzi zo kwitabwaho hamwe n'intego za politiki y'igihugu y'uburinganire ivuguruye**

| Ingingo z'ingenzi zo kwitabwaho | Intego za Politiki |
|---|---|
| ***Ingingo ya mbere:*** *Gukora kuburyo igenamigambi, politiki, ingamba, imishinga byose biba byubahirje ihame ry'uburinganire mu nzego zose zaba iza leta n'abikorera* | **Intego ya 1:**Gushimangira iyubahirizwa ry' ihame ry'uburinganire no kubazwa ibyo abantu bakora mu ishyirwa mu korwa ry'ihame ry'uburinganire muri politiki na gahunda no gushyiraho uburyo buhamye bwo kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'ihame ry'uburinganire mu nzego zose binyuze mu igenamigambi n'ingamba mu nzego za leta n'iz'abikorera; |
| ***Ingingo ya kabiri***: *Kwihutisha iterambere ry'abagore mu bukungu* | **Intego ya 2:**Guharanira ko abagabo n'abagore bagira uburenganzira n'amahirwe bingana byo kugira, gukoresha no gufata icyemezo ku mutungo mu rwego rwo kwiteza imbere; |
| ***Ingingo ya gatatu:*** *Gukomeza guteza imbere uburinganire n'amahirwe angana mu burezi, ubuzima n'imibereho myiza y'abaturag*e | **Intego ya 3:** Kunoza ihame ry' uburinganire mu burezi, ubuzima no muri gahunda zose zijyanye n'imibereho myiza y'Abanyarwanda; |
| ***Ingingo ya kane:*** Kubakira ku byiza biri mu muco wacu mu gushimangira ibyiza by'uburinganire | **Intego ya 4:** Kugaragaza ibyiza biri mu muco wacu no kubyubakiraho mu guteza imbere uburinganire no kuziba icyuho ku buringanire giterwa n'imyumvire mibi yabaye karande isubiza inyuma ihame ry'uburinganire bw'abagabo n'abagore, abahungu n'abakobwa |
| ***Ingingo ya gatanu:****Uruhare rw'abagabo n'abahungu mu guteza imbere ihame ry'uburinganire***.** | **Intego ya 5:** Guharanira ko uruhare *rw'abagabo* n'abahungu rugaragara mu guteza imbere ihame ry'uburinganire |
| ***Ingingo ya gatandatu:*** Kongera umubare w'abagore n'uruhare rwabo mu nzego z'ubuyobozi no mu myanya ifatirwamo ibyemezo mu nzego *zose, iza leta n'abikorera kimwe na sosiyete sivile (CSOs).* | **Intego ya6: Gushyimangira** uruhare rw' abagore mu nzego z'ubuyobozi no mu myanya ifatirwamo ibyemezo ; |
| ***Ingingo ya karindwi: Gushimangira*** ubumenyi ku buringanire mu nzego za Leta n'iz' abikorera ndetse no mu baturage muri rusange; | **Intego ya7**: Kongerera ubumenyi n' ubushoboziinzego ku buringanire n'ubwuzuzanye, haba mu nzego za leta, abikorera, amashuri abanza, ayisumbuye na kaminuza, imiryango nyarwanda itari iya leta, ,amadini n'amatorero no mu baturage muri rusange. |
| ***Ingingo ya 8: Amategeko ashimangira ihame ry'uburinganire*** | **Intego ya8:** Gukomeza gushyiraho amategeko no kuvugurura asanzwe, politiki n'inzego mu rwego rwo |

| | |
|---|---|
| | kurushaho guteza imbere uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagabo n'abagore, abahungu n'abakobwa. |

**Ingingo z'ingenzi zo kwitabwaho, ibibazo n'ibikorwa biteganyijwe muri iyi politiki**

***Ingingo y' ingenzi 1:*** Gukora ku buryo igenamigambi, politiki, ingamba n'imishinga byose biba byubahirje ihame ry'uburinganire mu nzego zose zaba iza leta n'iz'abikorera

***Intego ya 1:*** Gushimangira iyubahirizwa ry' ihame ry'uburinganire no kubazwa ibyo abantu bakora mu ishyirwa mu bikorwa ry'ihame ry'uburinganire muri politiki na gahunda no gushyiraho uburyo buhamye bwo kugenzura ishyirwa mu bikorwa y'ihame ry'uburinganire mu nzego zose binyuze mu igenamigambi n'ingamba mu nzego za leta n'iz'abikorera;

***Imiterere y'ikibazo 1.1:*** Nubwo uburinganire burebwa nk'ikibazo kigomba kwitabwaho muri gahunda zose z'inzego (SSPs), haracyari icyuho mu kwinjiza uburinganire muri izo gahunda. Hariho imyumvire yo gufata uburinganire nkikibazo cy'umugore n'umukobwa gusa cyangwa kugarukira ku bibazo by'imibereho gusa, bitaganisha ku gukemura ibibazo n'ibyifuzo by'abagabo n'abagore mu buryo bungana.

1.1.1. Ibikorwa biteganyijwe: Kunoza uburyo uburinganire bwinjizwa muri gahunda z'inzego kuri za Minisiteri n'uturere cyane cyane mu gihe cy'igenamigambi mu nzego za leta n'iz'abikorera.

1.1.2. Gushyiraho ingamba zijyanye no kwinjiza uburinganire mu nzego zitazifite no gushyiraho ibipimo ngenderwaho by'uburinganire kugira ngo hapimwe umusaruro w'uburinganire no kunoza ishyirwa mu bikorwa ryabyo.

1.1.3. Gutegura amabwiriza yihariye ajyanye no kwinjiza uburinganire kuri buri rwego kugira ngo harebwe uburyo izo ngamba zihuzwa na za SSPs, DDSs mu rwego rwo guteza imbere uburinganire muri gahunda zijyanye n'ishoramari n'ubukungu mu nzego zi tandukanye za leta n'iz'abikorera.

1.1.4. Gushimangira uburyo bwashyizweho bufasha mu kubazwa inshingano mu ishyirwa mu bikorwa ry'uburinganire nka GRB no kuba uburinganire bugomba kujya bwitabwaho mu gihe cyo gusuzuma imihigo cyane cyane imihigo yo mu bigo bya leta n'iby'abikorera.

**Imiterere y'ikibazo1.2:** Nkuko byavuzwe haruguru, hari ikibazo kijyanye n'ibipimo byifashishwa mu igenzura n'isuzuma rya gahunda, ingamba bidashingiye ku isesengura ryimbitse ku byuho bijyanye n'uburinganire, bityo rero bikaba bigoye kubona igenzura n'isuzuma bishingiye ku buringanire n'uburyo bwo gusubiza ibibazo by'abagabo n'abagore muri gahunda n'ingamba zihari mu nzego zose.

1.2.1. Gushyiraho imirongo ngenderwaho yihariye no kunoza isanzwe iriho kugira ngo byorohereze iterambere ryuburinganire mu rwego rw'igenzura n'isuzuma mu bigo bya leta n'n'iby'abikorera.

1.2.2. Kugenzura ko hakorwa igenzura n'isuzuma ryubahirije ihame ry'uburinganire mu nzego za Leta n'iz'abikorera.

1.2.3. Kongera ubushobozi buriho mu gutanga amakuru n'imibare igaragaza abagabo n'abagore mu ibarurishamibare ku rwego rwo rw'Igihugu n'inzego z'ibanze kugira ngo bifashe mu igenamigambi n'ishyirwa mu bikorwa ry'ibikorwa byita ku ihame ry'uburinganire mu nzego zose.

1.2.4. Gushimangira uburyo bw'ikoranbuhanga bwashyizweho na GMO mu kubungabunga amakuru ajyanye n'uburinganire (Gender Management Information System - GMIS) no ku bumenyekanisha abakoresha GMIS kugira ngo ishobore gushyigikira, gukurikirana, gutanga amakuru no gukora raporo z'Igihugu na raporo mpuzamahanga zijyanye n'uburinganire ku buryo buhoraho.

**Imiterere y'ikibazo1.3**: Hariho ibimenyetso byerekana ko isesengura rishingiye ku buringanire ridakorwa ku buryo buhagije mbere yo gutegura igenamigambi y'ingengo y' imari haba ku rwego rwo rw'Igihugu/za Minisiteri n'ibigo bizishamikiyeho ndetse n'inzego z'ibanze ahanini bigaterwa n'ubumenyi budahagije bwo gusesengura no kwinjiza uburinganire mu igenamigambi n'uburyo budahagije bwo kubazwa inshingano zijyanye no guteza imbere uburinganire mu nzego zose.

### 1.3. *Ibikorwa biteganyijwe*

1.31. Gutegura no gushyira mu bikorwa gahunda yo kubaka ubushobozi ku rwego rw'igihugu ku buringanire hagamijwe kunoza isesengura ry'uburinganire, iyubahirizwa n'ibazwa ry'uburinganire mu inzego zose z'Igihugu n'inzego zibanze harimo n'inzego z'abikorera.

1.3.2. Kugenzura uko igenamigambi rikorwa (kurwego rw'Igihugu n'inzego z'ibanze ) niba riganisha ku bikorwa bigamije kuzamura abagabo n'abagore ku buringanire buhamye.

1.3.3. Kongera uburyo butuma inzego zose zifasha ibikorwa n'ingamba zo guteza imbere ihame ry'uburinganire binyuze mu igenamigambi n'ingengo y'imari, harimo no mu gutegura, kugenzura n'isuzumabikorwa ry'uburinganire mu nzego zose.

1.3.4. Kugenzura niba hari ihuzwa n'ishyirwa mu bikorwa bihagije ry'amahame mpuzamahanga u Rwanda rwiyemeje kugenderaho muri gahunda zitandukanye z'igenamigambi mu nzego zose.

***Ingingo y'ingenzi ya 2: Kwihutisha iterambere ry'abagore mu bukungu***

***Intego ya 2: Guharanira ko umugabo, umugore, umuhungu n'umukobwa bagira uburenganzira bungana ku mutungo n'amahirwe angana mu by'ubukungu***

**Imiterere y'ikibazo2.1**: Ubushobozi budahagije ku bagore kubijyanye no gufata ibyemezo ku gukoresha no ku gufata ibyemezo ku mitungo itanga umusaruro harimo ubutaka n'ibindi.
Haracyari ubusumbane mu micungire no gukoresha umusaruro w'ubuhinzi (cyane cyane ku bihingwa bifite agaciro kanini); gukoresha nabi imbaraga kw'abagabo bahabwa na sosiyete bigira ingaruka ku ihame ry'uburinganire n'bwuzuzanye mu gufata ibyemezo ku rwego rw'umuryango uhereye ku butaka n'ubundi buryo bwo gushora imari.

***Ibikorwa bizibandwaho***

2.1.1. Gushimangira gahunda ziriho, ku rwego rw'abaturage mu guteza imbere ibyemezo byumvikanyweho ku rwego rw'urugo/umuryango (*Inshuti z'Umuryango, Umugoroba w'Imiryango*).
2.1.2. Gukomeza gushimangira uburinganire mu mikoreshereze y'ubutaka mu kububyaza umusaruro.
2.1.3. Gutegura gahunda zifasha abagabo n'abahungu gukoresha neza imbaraga za kigabo bifitemo mu kwitabira iterambere ry'abashakanye, kugira uruhare mu burere bwiza bw'abana, bubafasha kugira imyumvire yimakaza uburinganire mu gukoresha umutungo n'ishoramari
2.1.4. Guteza imbere igenamigambi ry'imihigo ku rwego rw'umuryango / umuryango aho abagabo n'abagore, abahungu n'abakobwa bahuza ibitekerezo ku iteganyabikorwa n'ishoramari by'umwaka.

**Imiterere y'ikibazo2.2:** Kugera ku mari, cyane cyane ku bagore biracyari ikibazo gikomeye, bitewe n'ubushobozi buke bafite bwo kubahiriza ibisabwa bijyanye na serivisi zitangwa n'ibigo by'imari. Ibi bisabwa birimo ibyangombwa by'ingwate, gahunda y'ubucuruzi isabwa n'amabanki, inyungu nyinshi bigira ingaruka cyane ku bagore bitewe n'izindi mpamvu zihariye nko kuba

basaba inguzanyo nto, ikoreshewa ry'ikorabuhanga rya ICT ritaratera imbere mu bagore, kutigirira icyizere , abagabo batemererera abagore gukoresha ubutaka nk'ingwate, hakaba no kuba abagore batamenya serivisi z'imari zabashyiriweho ziborohereza kubona imari.**.**

***Ibikorwa bizibandwaho***

2.2.1. Guteza imbere uburyo abagore bashobora kubona imari, bitari gusa kugira konte muri banki no kwegerezwa ibigo by'imari gusa, ahubwo bagakangukira kurushaho gukoresha serivisi zitandukanye zitangwa n'ibigo by'imari mu gushora imari.

2.2.2. Kongera umubare w'abagore bakoresha serivisi z'imari hitabwa ku gukuraho inzitizi bahura nazo mu kugera ku mari

2.2.3. Gushyiraho gahunda yo kongerera ubumenyi abagabo, abagore, abahungu, abakobwa kuri serivisi z'imari zitangwa;n' ubumenyi ku amahirwe ahari

2.3.

2.3.1. Kongera umubare w'abagabo n'abagore bafite ibikoresho by'ikoranabuhanga kandi bazi kubikoresha hagamjwe kubafasha gukora neza inshingano zabo za buri munsi zisaba ikoranabuhanga .

**Imiterere y'ikibazo2.3:** Kugeza ubu, ubwitabire bw'abagore mu gupiganira amasoko ya leta baracyari buke cyane mu gihe bikomeje kuragaza ubwiganze bw'abagabo. Amategeko agenga amasoko rusange ariho ntabwo yita ku ihame ry'uburinganire kandi nta ngingo zihariye zigamije gukemura icyo kibazo cy'uburinganire kigaragara mu masoko ya Leta.

Aya ni amahirwe yabuze, kugira ngo abagore bagire uruhare rugaragara mu bikorwa by'ubukungu bitanga umusaruro kugira ngo ubukungu bwabo butere imbere.

***Ibikorwa bizibandwaho***

2.3.1. Gushyiraho amategeko n'amabwiriza agenga itangwa ry'amasoko yorohereza abagore kugira ngo nabo bagire uruhare mu gupiganira no gutsindira amasoko manini ya Leta.

2.3.2. Gushyiraho gahunda yo kongerera ubushobozi ba rwiyemezamirimo b'abagore kugira ngo bongere ubumenyi bwabo mu bikorwa nko gutanga amasoko, gukoresha ikoranabuhanga ry'amasoko (E-procurement) n'ibindi bikoresho by'ikoranabuhanga kimwe n'amategeko y'imisoro.

2.3.3. Gushyiraho uburyo bw'ikoranabuhanga mu itangwa ry'amasoko (E-procurement) bworohereza abagabo n'abagore gukemura inzitizi zitandukanye harimo n'imbogamizi z''ururimi.

**Imiterere y'ikibazo2.4:** Uruhare rw'abagore mu kwihangira imirimo no guteza imbere ubucuruzi rukomeje kuba ruto kubera kubura ubumenyi n'ubushobozi mu by' ubucuruzi, kutabona uburyo bwo kubona imari n'igishoro cyo gutangiza kimwe n'uruhare runini rw'abagore mu mu mirimo yo mu rugo idahemberwa irimo iyo kwita ku bagize umuryango, imikoreshereze mike y'andi masoko y'ingufu zo guteka abuza abagore kumara umwanya munini mu bindi bikorwa bitanga umusaruro. Byongeye kandi, nta ngamba zihagije ziherekeza kandi zunganira iterambere rirambye ry'abatangiye imishinga mishya harimo n'umugore.

***2. Ibikorwa bizibandwaho***

2.4.1. Gukora ubuvugizi kugira ngo amategeko n'amabwiriza agenga itangwa ry'amasoko yorohereze abagore, hagamijwe kugira ngo na bo bagire uruhare ku masoko manini ya Leta

2.4.2. Gushyiraho gahunda zo kubaka ubushobozi ku bagore n'abakobwa mu bijyanye n'itangwa ry'amasoko, mu ikoranabuhanga no kwishyura imisoro.

2.4.3. Gushyiraho urubuga rutangirwamo amasoko mu buryo bw'ikoranabuhanga rufasha abagore hitabwa ku ndimi zikoreshwamo

Kubarura, gushyira mu nyandiko no gukemura ibibazo by'imigenzereze ishingiye ku myumvire y'abikorera ku mugore nko kuvuga ko umusaruro w'abagore mu gihe cyo gutwita no konsa ari muke, gukuraho imyumvire yo guha akazi abakobwa n'abagore bakiri bato batarengeje imyaka mirongo ine, n'ibindi).

2.4.4. Gutegura uburyo na gahunda kugira ngo habeho gufatanya imirimo yo mu rugo hagati y'abagabo n'abagore no kugabanya igihe iyo mirimo ikorwa hakoreshwa ibicanwa byihutisha akazi ko guteka bikanazigama ingufu z'umuriro.Izi gahunda zigomba kwigishwa abagabo n'abagore kugira ngo bahindure imitekerereze bumve n'inyungu ziva mu gufatanya imirimo yo mu rugo.

2.4.5. Gushakisha uburyo bwo gupima / kugena agaciro imirimo yo mu rugo ifite mu musaruro mbumbe (GDP) bw'igihugu.

2.4.6. Kugeza Ibigo Mbonezamikurire by'Abana bato (ECD) mu midugudu yose[20] kugira ngo abagore babone umwanya wo kwitangira ibikorwa by'ubukungu.

**Imiterere y'ikibazo 2.5:** Mu gihe Guverinoma ishyira imbere ibikorwa bigizwe n'impinduramatwara mu buhinzi hibandwa ku buhinzi bugamije ubucuruzi, abagore biganje muri uru rwego bakomeje gukora ubuhinzi ngandurarugo. Ibi ahanini biterwa no kudakoresha ubuhinzi butanga umusaruro kandi bugezweho, biterwa no kutabona inyongeramusaruro z'ubuhinzi n'izindi serivisi z'inyongera z'ubuhinzi.

***Ibikorwa bizibandwaho***

2.5.1. Kongera abagore uburyo n'ubushobozi mu by'ubuhinzi bibatera ishyaka ryo gukora ubuhinzi bubyara inyungu;
2.5.2. Gukangurira no kubaka ubushobozi bw'abagore kugira uruhare mu bikorwa by'inyongeragaciro y'umusaruro w'ubuhinzi (gutunganya umusaruro nyuma yo gusarura, kuhira imyaka, n'ibindi) binyuze mu makoperative no mu bucuruzi bushingiye ku buhinzi n'ubworozi.

**Imiterere y'ikibazo2.6**: Isesengura ry'imiterere y'uburinganire ryakozwe muri iyi politiki ryagaragaje imbogamizi zijyanye no kubona ibicanwan'amazi, aho usanga mu guteka hakomeje gukoresha inkwi cyane kandi abagore n'abana bakaba ari bo bagira uruhare runini mu kubishaka . Kubera iyo mpamvu, ibi byongera akazi k'umugore kandi bikamubangamira kujya mu bindi bikorwa bitanga umusaruro. Ndetse, haracyakenewe kunoza uburyo bwo kubona amazi meza no kuyegerezwa ku buryo buhoraho. Nubwo Guverinoma y'u Rwanda hari byinshi yakoze kugira ngo isuku irusheho kugenda neza, haracyakenewe imbaraga kugira ngo isuku igerweho umugabo n'umugore babigizemo uruhare.

***Ibikorwa bizibandwaho***

2.6.1. Kongerera abagabo n'abagore uburyo bwo kubona ibicanwa bihendutse kandi bitangiza ibidukikije .
2.6.2. Kongera ibikorwaremezo by'amazi kugira ngo bikemure ikibazo cyo kudafatanya imirimo yo mu rugo hagati y'umugabo n'umugore aho kuvoma usanga biharirwa umugore.
2.6.3. Gukomeza kunoza ibikorwa by'isuku n'isukura, n'inyigisho rusange zigamije guhindura imyitwarire iganisha ku muco mwiza w' isuku mu baturage.

[20] We know that NST1 says up to cell level by 2024 but the cell seems to be very bigger.

**Imiterere y'ikibazo 2.7**: Ikibazo nyamukuru cy'ibidukikije Abanyarwanda bahura na cyo ni imihindagurikire y'ikirere ikurikirwa n'isuri, inkangu, imvura yangiza, no gutakaza uburumbuke bw'ubutaka. Nubwo Guverinoma y'u Rwanda n'abafatanyabikorwa bayo bashyizemo ingufu kugira ngo bakemure ibibazo byavuzwe haruguru, hakenewe ko abagabo n'abagore bagira ubushobozi bwo kurwanya no guhangana n'ingaruka z' imihindagurikire y'ikirere..

***Ibikorwa bizibandwaho***

2.7.1. Kongerera ubushobozi abagabo n'abagore mu kurwanya no guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ikirere .
2.7.2. Gushimangira no guteza imbere ubwishingizi bw'ubuhinzi mu gihugu hose kugira ngo abahinzi barusheho guhangana n'imihindagurikire y'ikirere.
**2.7.3.** Gukomeza guteza imbere imiturire myiza hagamijwe kwimura abantu batuye mu manegeka no bice bishobora kwibasirwa n'ibiza, ihame ry'uburinganire rikitabwaho mu gutuza abantu ahantu hateganijwe binyuze muri Gahunda y'Iterambere Ihuriweho (Integrated Development Plan -IDP).

**Imiterere y'ikibazo2.8.** Nubwo hari amahirwe menshi atangwa n'imiryango iteza imbere iby'ubukungu yo mu karere u Rwanda rurimo, ababuruzi cyane cyane abikorera ntibakoresha neza aya mahirwe mu bijyanye no gutwara ibicuruzwa, serivisi, imari shingiro ndetse no kugera ku masoko manini yo mu karere.

***Ibikorwa bizibandwaho***

2.8.1. Gushyiraho uburyo bunoze butanga amahirwe angana hagati y'abagabo n'abagore ku mahirwe aboneka mu bucuruzi bwambukiranya imipaka n'ubw'akarere
2.8.2. Gushyiraho uburyo bwo kongerera ubushobozi abagore kugira ngo bungukire mu masezerano y'ubucuruzi yo mu karere no ku mugabane wa Afurika nka EAC, COMESA na CfTA.
2.8.3. Gukangurira abikorera kubyaza umusaruro amahirwe aboneka binyuze mu miryango iteza imbere iby' ubukungu u Rwanda rurimo.

## *Ingingo y'ingenzi ya 3: Gukomeza guteza imbere uburinganire n'amahirwe angana mu burezi, ubuzima n'imibereho myiza y'abaturage*

**Imiterere y'ikibazo3.1**: Nubwo hagaragara uburinganire mu mashuri abanza n'ayisumbuye, haracyariho icyuho cy'uburinganire mu mashuri y'imyuga n'ubumenyingiro, STEM n'amashuri makuru na za kaminuza. Ku rwego rw'amashuri y'imyuga n'ubumenyingiro (TVET), haracyari ubusumbane mu guhitamo amashami, aho abagore n'abakobwa biganje mu myuga yoroheje kandi itanga igihembo gito nko kudoda, gutunganya umusatsi, gusudira, n'ibindi; mu gihe abagabo

n'abahungu bibanda mu bwubatsi, ububaji, ubukanishi, amashanyarazi, n'ibindi bijyana n'igihembo kinini. Ku bijyanye n'amasomo ya STEM, abakobwa ntibayitabira cyane kubera imyumvire y'uko ayo mashami afatwa nk'ayahariwe abahungu. Mu mashuri makuru, umubare w'abakobwa uracyari muto haba mu banyeshuri no mu bakozi. Zimwe mu mpamvu zabyo harimo nko gushaka hakiri kare, kubyara n'izindi nshingano zo mu rugo zigifatwa nk'iz'abagore n'abakobwa.

***Ibikorwa biteganijwe***

3.1.1. Gukuraho imbogamizi zibangamira iyubahirizwa ry'uburinganire muri gahunda z'uburezi muri ICT, STEM, na TVET mu byiciro byose.
3.1.2. Gukomeza kwinjiza ihame ry'uburinganire mu nteganyanyigisho z'uburezi mu mashuri abanza, ayisumbuye, amashuri makuru na za kaminuza.
3.1.3. Kongerera abarimu ubushobozi mu myigishirije yubahirije uburinganire.
3.1.4. Gukangurira imiryango guteza imbere uburezi bwubahiriza uburinganire cayen cyane muri ICT, STEM, na TVET
3.1.5. Kwihutisha gahunda yo kongera ibigo mbonezamikurire by'abana bato (ECDs) hagamijwe guteza imbere imikurire y'abana bato cyane cyane hitwabwa ku mirire myiza n' uburere buboneye.
3.1.6. Guhuza gahunda mbonezamikurire by'abana bato (ECD) na gahunda yagutse y'Imurimo y'inyungu rusange (E-PW) kugira ngo bifashe abagore kwitabira ibikorwa by'iterambere (urugero: Gufasha abagore kubona aho barerera abana babo aho bakorera iyo mirimo y'inyungu rusange).

**Imiterere y'ikibazo3.2:** Abagore, cyane cyane abatuye mu cyaro baracyafite imbogamizi zo kubona no gukoresha uburyo bugezweho bwo kuboneza urubyaro, biturutse ku kutabona ibikenewe byose hamwe n'imyumvire iri hasi ku buryo bugezweho bwo kuboneza urubyaro.

***Ibikorwa biteganijwe***

3.2.1. Gushimangira gahunda yo kwegereza abagabo n'abagore bo mu cyaro[21] uburyo bugezweho bwo kuboneza urubyaro no kubukoresha.
3.2.2. Kongerera ubumenyi abagabo n'abagore, abahungu n'abakobwa ku nyungu zo gukoresha uburyo bugezweho bwo kuboneza urubyaro n'ubuzima bw'imyororokere.
3.2.3. Gukangurira abaturage binyuze mu bajyanama b'ubuzima ku gukoresha uburyo bwo kuboneza urubyaro bw'igihe kirekire

[21] Har uburyo bwo kuboneza urubyaro ku bagabo nka vasectomy, condoms, …

3.2.4. Kongera imbaraga mu guhuza gahunda yo kuboneza urubyaro na serivisi zihabwa abamaze kubyara

**Imiterere y'ikibazo3.3:** Nubwo hashyizwe imbaraga nyinshi mu kurwanya ihohotera rishingiye ku gitsina, isesengura ryagaragaje ko hari ibibazo bigomba gukemurwa n'iyi politiki.

Icya mbere: haracyari icyuho mu gutanga amakuru y'ihohoterwa rishingiye ku gitsina, aho abagabo bahohoterwa ntibatange amakuru, bigasa n'aho abagore ari bo bahohotwa gusa kandi bigaragara ko abagabo na bo bahohoterwa.

Icya kabiri: abagabo bagira uruhare ruto muri gahunda zigamije gukemura no gukumira ikibazo cy' ihohotera rishingiye ku gitsina nk' Umugoroba w'Imiryango n' Inshuti z'Umuryango.

Icya gatatu, haracyari imikorere itaranozwa mu buryo bwo gutanga serivisi ku muntu wahuye n'ihohotera ku nzego zitandukanye ndetse na serivise zihariye z'ubutabera no kubungabunga ibimenyetso.

Icya kane: haracyari ikibazo cyo gusubiza mu buzima busanzwe abahohotewe n'abagizweho ingaruka n'ihohotera , aho bigaragara ko hari intege nke ziganisha ku gupfobya, guhezwa, kwiheba cyane cyane n'isubiracyaha ku bahohotera abandi.

***Ibikorwa bizibandwaho***

3.3.1. Gushyigikira uburyo bwashyizweho nk' *Umugoroba w'Imiryango n' Inshuti z'Umuryango* mu gukumira no kurandura ihohotera rishingiye ku gitsina (GBV) n'ihohotera rikorerwa abana. Ibi bikubiyemo kongerera ubushobozi izo nzego, gutanga agahimbazamusyi ku bakorerabushake bafasha muri izo nzego no gutanga imirongo ngenderwaho ku mikorere n'ibikorwa by'izi nzego zashyizweho zegereye abaturage.

3.3.2. Gushimangira uburyo bwo kubazwa inshingano ku nzego zishinzwe kwakira abahuye n'ihohotera rishingiye ku gitsina no kugera ku butabera ku bahohotewe baba abagabo n'abagore, abahungu n'abakobwa.

3.3.3. Kurushaho kwegereza abaturage serivisi zaIsange One Stop Centre nka serivisi z'ubuvuzi n'isanamitima zishobora gutangirwa mu bigo nderabuzima n'ahandi, no kunoza uburyo bwo gufasha uwahohotewe ku nzego zitandukanye.

3.3.4. Kunoza uburyo bwo gukusanya, kubika, kurinda no gutanga ibimenyetso ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

3.3.5. Gushyiraho uburyo bunoze bwo gusubiza mu buzima busanzwe, abahohotewe n'abagize uruhare mu guhohotera

3.3.6. Gushyiraho uburyo bunoze bwo kuzamura imyumvire ku ihame ry'uburinganire kuburyo abagabo bashobora gutanga amakuru ku ihohoterwa ribakorerwa.

**Imiterere y'ikibazo 3.4:** Guverinoma yashyize imbaraga nyinshi mu gushyiraho no kunoza ibikorwaremezo bijyanye n' isuku n'isukura cyane cyane ku banyeshuri b'abakobwa, mu mashuri abanza n'ayisumbuye, nko gushyiraho "icyumba cy'umukobwa" no gutandukanya ubwiherero bw'abahungu n'abakobwa. N'ubwo bimeze bityo ariko, ntabwo amashuri yose afite "icyumba cy'umukobwa" cyujuje ibipimo bisabwa kugira ngo gikoreshwe icyo cyagenewe. Kubura ibyo bikorwaremezo bituma abakobwa bamwe basiba ishuri, kuba mu ishuri batarimo bishobora kugira ingaruka mbi ku mitsindire yabo harimo no kuva mu shuri burundu.

***Ibikorwa bizibandwaho***

3.4.1. Kugeza icyumba cy'umukobwa cyubatse neza kandi cyujuje ibisabwa mu mashuri ya leta n'ayigenga mu byiciro byose.
3.4.2. Gushyiraho ingamba zihamye zo kwimakaza isuku n'isukura ahantu hahurira abantu benshi cyane cyane mu mashuri.

**Imiterere y'ikibazo 3.5:** Mu bitakerezo bitandukanye byakusanyijwe hamwe n'isuzuma rya za raporo zitandukanye, byagaragaje ko umubare w'abangavu baterwa inda ukomeje kwiyongera, hakaba nicyuho mu kwigisha ubuzima bw'imyororokere ku rwego rw'umuryango kimwe no mu mashuri bitewe n'umuco **.**

Nubwo integanyanyigisho zirimo amasomo arebana n' ubuzima bw'imyororokere, hakenewe ubumenyi bwimbitse kandi buhagije kugira ngo buhindure imyumvire y'abaturage ku bijyanye no kujya mu mihango y'ukwezi k' umugore n'umukobwa kuko isa n'ifatwa nka kirazira bigatuma abakobwa bakiri bato bataganirizwa ngo bayigireho ubumenyi bikaba zimwe mu ntandaro z'ibibazo bahura nabyo mu buzima by'imyororokere. Abangavu babyaye ntibenererwa kujya mu mirimo ya VUP kubera ko baba bakiri bato batarageza ku myaka yo gukora imirimo rusange, kandi na none ntibashyirwe mu cyiciro cy'abana cyangwa ngo babe abagore, ahubwo bikarangira batitaweho muri gahunda zigenewe abatishoboye.

***Ibikorwa bizibandwaho***

3.5.1. Kongerera ubumenyi abangavu ku bijyanye no kumenya kugenzura uburumbuke n'ubuzima n'imyororokere muri rusange.
3.5.2. Guteza imbere umuco w'ibiganiro ku buzima bw'imyororokere ku rwego rw'umuryango
3.5.3. Gushyiraho uburyo buhamye bwo kurwanya ihohoterwa rikorerwa abangavu no gushyiraho gahunda zo kuzamura imibereho yabo.
3.5.4. Gushyiraho amategeko n'amabwiriza abuza gukoresha gahunda zishingiye ku ikoranabuhanga zishora abangavu mu mibonano mpuzabitsina.
3.5.5. Gushyiraho no guha ingufu amahuriro aganira ku buzima bw'imyororokere y'ingimbi n'abangavu mu mashuri yisumbuye no kuyaha umwanya uhagije, kongera

mu nteganyanyigisho gahunda z' ubuzima bw'imyororokere hagendewe ku myaka y'abangavu kugira ngo bibafashe kuzibonamo no kuzumva neza ndetse zigafasha n'abahungu kumva ko imihango y'ukwezi k'umugore n'umukobwa ari ikintu gisanzwe mu buzima bw'imyororokere y'umugore n'umukobwa.

3.5.6. Guteza imbere serivisi z'ubuzima bw'imyororokere zigenewe urubyiruko mu bigo nderabuzima no guhugura abakozi gukoresha uburyo bufasha urubyiruko kuri izo serivisi.

3.5.7. Gushimangira serivisi z'ubujyanama mu cyumba cy'umukobwa mu mashuri abanza n'ayisumbuye ku buzima bw'imyororokere y'abangavu.

**Imiterere y'ikibazo 3.6:** Nubwo habayeho gahunda yo guhanga udushya no kwishakamo ibisubizo mu rwego rwo kugabanya ubukene, cyane cyane gahunda zo gufasha abatishoboye nka Girinka na VUP, abagore n'abakobwa bakomeje kugirwaho ingaruka n'ubukene kurusha abagabo n'abahungu. Byongeye kandi, gutegura no gushyira mu bikorwa izo gahunda zo kurwanya ubukene bikorwa hatitawe ku isesengura rishingiye ku kureba ubusumbane bugaragara hagati y'umugabo n'umugore. Ikindi nubwo bujuje ibisabwa, abagore benshi ntibitabira ibikorwa bya VUP kubera umwanya muto uterwa n' imirimo myinshi yo mu rugo ikigaragara ko yahariwe abagore.

***Ibikorwa biteganijwe***

3.6.1. Kunoza uburyo bwo kwinjiza ihame ry'uburinganire muri gahunda zigamije kuzamura imibereho y'abaturage, bigakorwa hashingiwe ku isesengura ryimbitse ry'uburinganire hagati y'abagabo n'abagore kugira ngo ibikorwa byose biteganijwe bibe bisubiza ibibazo bibangamiye abagabo n'abagore, abahungu n'abakobwa mu buryo bunoze.

3.6.2. Kwihutisha ikwirakwizwa rya gahunda zigenewe gufasha abatishoboye binyuze mu guhanga udushya, guhuza imbaraga no kwishakamo ibisubizo kw'abaturage nko gahunda yo "kuremera" , abaturage bagakangurirwa kuzigiramo uruhare kugira ngo zigere kuri benshi.

3.6.3. Kugaragaza no gukemura ibibazo by'uburinganire abafite ubumuga bahura nabyo

***Ingingo y'ingenzi ya 4:*** Kubakira ku byiza biri mu muco w' u Rwanda mu gushimangira ibyiza by'uburinganire

***Intego ya 4:*** Kugaragaza ibyiza biri mu muco w' Rwanda no kubyubakiraho mu guteza imbere uburinganire no kuziba icyuho ku buringanire giterwa n' imyumvire mibi yabaye karande isubiza inyuma ihame ry'uburinganire bw'abagabo n'abagore, abahungu n'abakobwa

**Imiterere y'ikibazo 4.1:** Mu gihe u Rwanda ruteganya gushimangira icyifuzo cyo gushingira ku ndangagaciro z'umuco nk'urufatiro rwo guhinduka igihugu cyifuzwa, haracyari amahame mbwirizamuco gakondo, imigenzo, imyumvire n'imitekereza muri sosiyete ibonwa ko ari ingenzi, ariko ikabangamira uburinganire n'amahame y'uburinganire**.** Kubera iyo mpamvu, kubahiriza

amahame y'uburinganire bikomeza kugaragara cyane cyane mu nzego za Leta; kandi bikaba bike mu mibereho ya buri munsi n'imikorere y'abaturage; bityo bikagaragaza impinduka nke zazanywe n'ingamba zabanje zo guteza imbere uburinganire.

***Ibikorwa bizibandwaho***

4.1.1. Kumenya, kugaragaza no gukemura umuco, imigenzereze n'imyumvire , bibogamye bikagira ingaruka ku mahame y'uburinganire
4.1.2. Gukora ubukangurambaga bugamije guca burundu inzitizi z'umuco n'ibikorwa bibangamira abagore n'abakobwa kugira uruhare mu bikorwa by'ubukungu.
4.1.3. Gukangurira abagabo kurushaho kwitabira imirimo yo mu rugo, kugirango bifashe abagore kwitabira ibindi bikorwa bibyara inyungu.
4.1.4. Gukangurira abagabo n'abagore gufatanya mu kwita ku burere n'uburezi bwimakaza uburinganire ku rwego rw'umuryango (*Uburere mu muryango*).

***Ingingo y'ingenzi ya 5:*** *Uruhare rw'abagabo n'abahungu mu guteza imbere ihame ry'uburinganire***.**

***Intego ya 5:*** Guharanira ko uruhare *rw'abagabo n'abahungu rugaragara mu guteza imbere ihame ry'uburinganire*

**Imiterere y'ikibazo*5.1.*** Nubwo Guverinoma y'u Rwanda igaragaza ubushake bwa politiki mu kwimakaza uburinganire, haracyari icyuho cyo kwinjiza neza abagabo n'abahungu nk'abafatanyabikorwa bakomeye mu guteza imbere uburinganire. Byongeye kandi, kutitabira kw'abagabo guturuka ku mahame y'umuco, kutumva neza no kugira ubumenyi buke ku ihame ry'uburinganiremenyi no kuba uburyo buhagije mu kongera uruhare rw'abagabo, bibabuza kugira uruhare runini mu kuzamura ihame ry'uburinganire**.**

***Ibikorwa bizibandwaho***

5.1.1. Gutegura ingamba/ gahunda zihariye z'Abagabo ku rwego rw'igihugu kugira ngo barebe ko abagabo n'abahungu bitabira neza ibikorwa bijyanye n'uburinganire mu mirenge, hibandwa cyane cyane ku bikorera. Ibi bishobora kwibanda ku gutegura no gushyira mu bikorwa gahunda z'ubukangurambaga, gukangurira abaturage gahunda z'uburezi nko kunoza imirire n'isuku.
5.1.2. Kongera imyumvire y'abagabo n'abahungu bakabona uburinganire nk'uburenganzira bwa muntundetse n'inzira y'iterambere iganisha ku iterambere rirambye kandi ridaheza ry'imibereho y'abaturage rirambye kandi ridaheza.
5.1.3. Kwigishiriza hamwe abana, abahungu n'abakobwagahunda z'uburinganire binyuze mu mashuri asanzwe no ku rwego rw'umuryango.

***Ingingo y'ingenzi ya 6:*** Kongera umubare w'abagore n'uruhare rwabo mu nzego z'ubuyobozi no mu myanya ifatirwamo ibyemezo mu nzego za *zose, iza leta n'iz'abikorera kimwe na sosiyete sivile (CSOs).*

***Intego ya 6: Guha imbaraga uburyo bwo kuzamura uruhare rw'umugore mu buyobozi no mu myanya ifata ibyemezo mu nzego zose no mu byiciro byose***

**Imiterere y'ikibazo 6.1:** N'ubwo Itegeko Nshinga rigenera abagore nibura 30% by'imyanya mu nzego z'ubuyobozi zifatirwamo ibyemezo,, haracyari umubare muto w'abagore mu nzego z'ibanze, mu bikorera, mu itangazamakuru no mu miryango nyarwanda itari iya Leta (CSOs) ndetse no mu nzego z'umutekano. By'umwihariko mu nzego z'ibanze, ikinyuranyo cy'uburinganire kiracyagaragara ku myanya yo gushyiramo abantu hatabaye ipiganwa, itorerwa n'isaba gupiganwa. Byongeye kandi, hashobora kubaho kumva nabi iyi ngingo y'Itegeko Nshinga ivuga ku mubare w'abagore mu myanya y'ubuyobozi, aho ibigo bimwe bibona 30% nk'aho ari yo ntego nyamukuru, bikagabanya imbaraga zashyirwa mu gukuraho icyuho gishingiye ku buringanire mu bijyanye n'umubare w' abagore mu buyobozi no mu miyoborere.

6.1.1. ***Ibikorwa bya Politiki y'igihugu y'uburinganire:*** Gukangurira no guha ubushobozi abagore kugira ngo bongere ku mahirwe atangwa n'ubushake buri hejuru bwa politiki mu kubafasha kugira uruhare mu buyobozi no mu miyoborere harimo kujya mu myanya y'ubuyobozi, cyane cyane mu nzego z'ibanze, abikorera ndetse no mu itangazamakuru.

6.1.2. Kureba ko umubare ugenwa n'Itegeko Nshinga wa nibura 30% by'abagore mu myanya ifatirwamo ibyemezo no mu myanya y'ubuyobozi wubahirizwa mu bikorera, mu miryango nyarwanda itari iya Leta no mu itangazamakuru.

6.1.3. Gusobanura neza igisobanuro cy'imyanya nibura 30 % yagenewe abagore mu nzego zifata ibyemezo no mu myanya y'ubuyobozi iteganywa n'Itegeko Nshinga.

6.1.4. Gushyiraho uburyo butuma ijwi ry'abagore n'abakobwa ryumvikana kandi uruhare rwabo muri gahunda z'iterambere ry'igihugu rukagaragara neza

***Ingingo y' ingenzi ya 7:*** *Gushimangira* ubumenyi ku buringanire mu nzego za Leta n'iz' abikorera ndetse no mu baturage muri rusange;

***Intego ya 7: Kongerera ubumenyi n' ubushobozi inzego ku buringanire n'ubwuzuzanye, haba mu nzego za leta, abikorera, muri Kkminuza, imiryango nyarwanda itari iya leta, ,amadini n'amatorero no mu baturage muri rusange.***

**Imiterere y'ikibazo7.1:** N'ubwo Guverinoma n'abafatanyabikorwa bashyize imbaraga mu guteza imbere amahame y'uburinganire, ibimenyetso byerekana ko hakomeje kugaragara imyumvire itari yo ku buringanire hagati y'abaturage; kandi gushyira mu bikorwa amahame y'uburinganire birasaba ko habaho kubaka ubushobozi bwihariye ku iterambere ry'uburinganire.

***Ibikorwa bizibandwaho***

***Kwihutisha ihame ry'uburinganire muri gahunda zose no kubazwa Inshingano biganisha ku mpinduka mu Iterambere rirambye***

7.1.1. Kuzamura no kunonosora uburyo buriho bwo kumenyekanisha ihame ry'uburinganire bikorwa n'abafatanyabikorwa batandukanye mu nzego zose.

7.1.2. Gutanga amahugurwa ku bijyanye n'ihame ry'uburinganire n'amahame yaryo ndetse n'amagambo bijyanye harimo isesengura ry'uburinganire, iyubahirizwa ry'uburinganire, kubazwa inshingano zishingiye ku buringanire no gucengeza uburinganire mu nzego zose.

7.1.3. Kugena gahunda yo kongerera ubushobozi ihame ry'uburinganire ,bikagera ku bafatanyabikorwa batandukanye, harimo abafata ibyemezo, abagize Inteko Ishinga Amategeko, abakora ubucuruzi, imiryango itari iya leta, amadini n'amatorero, amashuri makuru na za kaminuza, n'abandi; ku bufatanye n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Iterambere , nk'urwego rufite mu nshingano gahunda y'igihugu yo kongera ubushobozi.

**Imiterere y'ikibazo7.2**: Duhereye ku ruhare rwihariye rwa buri rwego mu nzego zigize ihuriro rishinzwe guteza imbere uburinganire , haracyari icyuho mu buryo inzego zimeze kugirango hasubizwe neza inshingano z'ingenzi zirimo guhuza gahunda z'igihugu, gushyira mu bikorwa no kubazwa inshingano kuri mu bijyanye n'uburinganire no kongerera ubushobozi abagore..Byongeye kandi, imiterere ku rwego rw'inzego z'ibanze ntabwo itanga uburyo bwiza bwo gusesengura icyuho mu bijyanye n'buringanire. Urugero, abakozi bashinzwe uburinganire n'umuryango babarizwa mu ishami zishinzwe imiyoborere bityo bakagira uruhare ruto muri gahunda z'igenamigambi ry'uturere kugirango, gahunda zita ku buringanire zirusheho kwitabwaho. Ku rwego rwo hejuru, ntabwo minisiteri n'ibigo byose bifite uburyo bwo guhuza gahunda y'uburinganire ndetse n'umukozi w' inzobere mu buringanire; kugira ngo uburinganire bwuzuzwe cyangwa bushyirwe neza mu nzego zose.

***Ibikorwa bizibandwaho***

7.2.1. Gushimangira no kunoza gahunda zihari zo guteza imbere ubushobozi ku buringanire mu bufatanye n'abafatanyabikorwa batandukanye.

7.2.2. Kongera ubushobozi bw'inzego zishinzwe gahunda y'uburinganire no kubika neza imibare ijyanye n'uburinganire ahanini itangwa n'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare n'urwego rushinzwe iyubahirizwa ry'uburinganire bw' abagabo n'abagore mu nzego zose mu gihe cy'igenamigambi n'itegurwa rya za raporo zisanzwe z'uburinganire.

7.2.3. Gucukumbura uburyo bwo gushyira abakozi bafite uburinganire mu nshigano zabo ku rwego rw'akarere mu ishami rishinzwe igenamigambi aho kuba mu ishami ry'imiyoborere,

kugira ngo uburinganire bwinjizwe muri gahunda zindi kandi bukurikiranwe ku rwego rw'akarere.

***Ingingo y'ingenzi ya 8: Amategeko ashimangira ihame ry'uburinganire***

***Intego ya 8:*** Gukomeza gushyiraho amategeko no kuvugurura asanzwe, politiki, inzego mu rwego rwo kurushaho guteza imbere uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagabo n'abagore, abahungu n'abakobwa.

**Imiterere y'ikibazo 8.1:** Nubwo ubukangurambaga bukomeje gukorwa ndetse n'amategeko abuza gushyingirwa bitemewe n'amategeko akaba ahari, n'uburyo bahura n'ibibazo ariko umubare w'abashakanye mu buryobunyuranye n'amategeko ukomeje kwiyongera**.** Imibare yatanzwe n'ubushakashatsi ku mibereho (EICV 5) iheruka yerekana ijanisha rinini ry'abashakanye mu buryo butemewe n'amategeko aho bangana na 34% ku rwego rw'igihugu. Mu turere tumwe na tumwe, imibare iri hejuru cyane ku buryo igera kuri 49.9% muri Nyarugenge na 52.1% muri Nyagatare iri hejuru ya kimwe cya kabiri cy'abashakanye bose. Nubwo hari byinshi byakozwe kugira ngo uburenganzira ku mutungo w'abashakanye bwubahirizwe ku baturage bose, kugeza ubu bigaragara ko amategeko yonyine adahagije kugira ngo uburenganzira bw'umugore washatse mu buryo butemewe n'amategeko bwubahirizwe.

Amategeko yose na politiki biriho bishimangira ingingo ya 17 y'Itegeko nshinga ry'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015 ryemera ko ishyingiranwa rikorwa hagati y'umugabo n'umugore ari ryo ryonyine ryemewe, kandi umugore n'umugabo bafite uburenganzira n'inshingano zingana mu gihe cyo gushyingirwa n'igihe cyo gutandukana. Ingingo imwe rukumbi yemewe n'amategeko ivuga icyiciro cy'amasezerano adasanzwe yo gushyingirwa (kubana bitemewe n'amategeko) ni ingingo ya 39 y itegeko ryaGBV ryerekeye "Kwemeza gushyingirwa bakoresheje uburyo bwo kugabana umutungo rusange".

Kugeza ubu, ingingo nk'iyi (ingingo ya 39) byagaragaye ko idahagije kugira ngo abagore bose babana mu buryo butemewe n'amategeko bagire uburenganzira buhagije ku mutungo.

***Ibikorwa bizibandwaho***

8.1.1. Gutegura amategeko mashya no kuvugurura ariho mu birebana n'ababana batarasezeranye mu buryo bwemewe n'amategeko hitawe ku mibereho n'umuco by'u Rwanda.

8.1.2. Gukomeza ubukangurambaga ku nyungu zo gushyingirwa byemewe n'amategeko nk'uburyo bwiza bw'imibanire y'abashakanye ndetse no guhindura imitekerereze ishingiye

ku mico nk'igitutu cya sosiyete n'umuryango usaba abakobwa gushaka huti huti, bigatuma badafata umwanya uhagije wo guhitamo uwo bazashakana n'uburyo bazabanamo.

8.1.3. Kuvugurura no gushyira mu bikorwa ingingo ya 39 y'itegeko rikumira kandi rihana ihohotera rishingiye ku gitsina ryerekeranye no "kwemeza gushyingirwa mu buryo butemewe n'amategeko no kugabana umutungo rusange harangizwa amabwiriza ya Minisitiri w'Ubutegetsi bw'igihugu amaze igihe ategerejwe cyangwa irindi tegeko ryihariye.

8.1.4. Gusubiramo igisobanuro cyo kubana/gushyingirwa bitemewe n'amategeko nk'uko bikunze kugaragara mu mategeko menshi .

8.1.5. Gushakisha uburyo bwo gushyiraho igihe runaka aho ababana mu buryo butemewe n'amategeko bashobora gufatwa nk'abashyingiranywe ku mugaragaro cyane ko urebye ibintu bibitera bitagenzurwa n'abagore n'abakobwa, hamwe no gukangurira abagabo babana n'abagore mu buryo butemewe n'amategeko kubishyira mu buryo bwemewe n'amategeko.

**Ubutumwa bw'ingenzi muri iyi politiki y'igihugu y'uburinganire**

Iyi politiki igaragaza impinduka nyinshi n'ibice byibandwaho mu gihe cyo kuyishyira mu bikorwa ugereranije na politiki yayibanjirije; muri iyi politiki hitabwa ku mikorere mishya igaragara mu rwego rw'uburinganire.

***Icyerekezo cy'iyi politiki:*** Icyerekezo cy' iyi politiki ni ukureba ko uburinganire bwinjijwe mu nzego zitandukanye kandi mu buryo bugaragara hagamijwe guteza imbere uburinganire mu Rwanda.

***Imiterere y'inzego****:* duhereye ku miterere y'nzego ziriho z'urwego rw'uburinganire, hakenewe gushyiraho abantu bafite ubumenyi bwihariye mu nzego zose n'ibigo bishyira mu bikorwa politiki y'igihugu y'uburinganire. Abashinzwe uburinganire ku rwego rw'akarere bakeneye kuba mu ishami rishinzwe igenamigambi kugira ngo uburinganire bwinjizwe neza mu igenamigambi ry'imirenge yose no gushyira mu bikorwa gahunda y'akarere.Hakwiyre kandi gushyirwaho inzobere mu gusesengura uburinganire mu biro bya Minisitiri w'Intebe zibanda gusa ku bibazo bijyanye n'uburinganire kugira ngo habeho uburyo bunoze bwo guhuza no kubazwa ibyangombwa byose bijyanye na politiki y'uburinganire. Urwego rw'igihugu rushinzwe iyubahirizwa ry'uburinganire rugomba gushyira mu bikorwa inshingano yarwo yo gukurikirana uburinganire, ikanakoresha imbaraga zayo kugira ngo inzego zibazwe uko zubahiriza gahunda y'uburinganire zikanayishyira mu bikorwa.

***Uburyo bwo gushyira mu bikorwa iyi politiki:*** ishyirwa mu bikorwa ry'iyi politiki y'uburinganire rigomba gushingira ku isesengura ry'itandukaniro rishingiye ku gitsina rigaragaza ibibazo by'uburinganire nyabyo, ritanga ubumenyi nyabwo ku itandukaniro rishingiye ku gitsina muri buri rwego, bitaganisha gusa ku buringanire ahubwo no ku bikorwa by'uburinganire mu nzego zose. Politiki y'uburinganire iteganya ko hababaho impinduka mu myumvire ijyanye n'uburinganire kandi bigatuma ibi bisobanurwa neza hashingiwe ku isesengura ry'imiterere y'uburinganire n'ingamba ziboneye. Ibi bigomba gukorwa hashingiwe ku mabwiriza atangwa n'inzego zifite uburinganire mu nshingano, ziyobowe na Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango. Hakenewe uburyo bwagutse kandi buboneye bwo kubahiriza ihame ry'uburinganire kugira ngo ubufatanye hagati y'inzego busobanure neza imiterere y'uburinganire.

***Ikurikiranabikorwa n'isuzuma ryita ku buringanire no kubazwa inshingano****:* Hashingiwe ku bisobanuro by'ahakenewe gushyirwa imbaraga ku buryo bwihutirwa, hakenewe urwego rwa leta rushinzwe ikurikiranabikorwa n'isuzuma mu by' uburenganire mu nzego zose no mu byiciro byose. Hakenewe gushyira mu bikorwa ikurikiranabikorwa n'isuzuma muri buri kigo gishyira mu bikorwa gahunda z'uburinganire, kugira ngo habeho gukurikirana neza iby'iyi politiki. Ku bijyanye no kubazwa inshingano, iyi politiki iteganya ko imihigo ikomeza mu nzego za Leta n'iz'abikorera; bagenera umugabane runaka ku bipimo ngenderwaho by'uburinganire mu manota rusange yo gusuzuma imihigo.

***Kubaka ubushobozi ku ihame ry'uburinganire*** :Hashingiwe ku cyuho cyagaragaye mu bushobozi mu bijyanye n'ihame ry'uburinganire ku muntu ku giti cye ndetse no mu nzego, politiki y'uburinganire ivuguruye itanga gahunda yuzuye yo kubaka ubushobozi ku buringanire kugira ngo abantu bahabwe ubumenyi bwihariye ku buringanire mu nzego zose no mu byiciro byose.

## 7. Inzego zishinzwe gushyira mu bikorwa iyi Politiki

Ishyirwa mu bikorwa ry'iyi politiki no kwita ku ngingo zihutirwa ziri muri iyi politiki y'igihugu y'uburinganire bizasaba ubufatanye n'imikoranire myiza y'inzego zishinzwe by'umwihariko ikibazo cy'uburinganire ndetse n'izindi nzego za leta ku rwego rwo hejuru mu gihe ibikorwa bikubiye muri iyi politiki bigomba gukorerwa aho abaturage bari biyobowe n'ubuyobozi bw'akarere.

Byongeye kandi, usibye ibigo bifite uburinganire mu nshingano zabyo, n'inzego za Leta, sosiyete sivile n'abafatanyabikorwa mu iterambere na bo bazagira uruhare mu ishyirwa mu bikorwa ryayo, izindi Minisiteri na zo zizagira uruhare mu ishyirwa mu bikorwa rya politiki mu nzego zitandukanye.

### *6.1. Ku rwego rw'Igihugu*

Minisiteri zose zirebwa n'ishyirwa mu bikorwa ry'ibikorwa byatanzwe mu ngingo y'ingenzi ya mbere ku bijyanye no kwinjiza uburinganire muri politiki y'inzego z'igihugu, gahunda z'igenamigambi, n'ingamba mu nzego za leta n'iz'abikorera.

By'umwihariko Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi (MINECOFIN), izakomeza gushyiraho amabwiriza akwiye kugenderwaho mu kubahiriza uburinganire muri za gahunda n'igenamigambi no kuyageza ku nzego zitandukanye ngo yubahirizwe; kandi agasakazwa hagamijwe kumenyekanisha no kubaka ubushobozi mu igenamigambi ry'ingengo y'imari ryitaye ku ihame ry'uburinganire ku buryo buboneye.

Byongeye kandi, Ikigo cy'Ggihugu cy' Ibarurishamibare (NISR) kizakomeza gutera inkunga inzego zose cyane cyane Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango (MIGEPROF) n' Urwego rw'Igihugu rushinzwe kugenzura no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye, igomba gutanga amakuru ajyanye n'uburinganire n'imibare kugira ngo bamenyeshe igenamigambi n'ishyirwa mu bikorwa rya gahunda zita ku buringanire, kugaragaza ishusho y'uburinganire mu nzego zose, no gutanga raporo za ngombwa , zihoraho zigaragaza uko ihame ry'uburinganire rihagaze.

Uretse ibyo, haherewe ku isesengura rya politiki no gutanga inama, kugira ngo hirindwe ko ibijyanye n'uburinganire byatakara cyangwa bikirengagizwa cyangwa bikivanga mu bindi bibazo by'iterambere; byaba byiza, hashyizweho umukozi w'inzobere nu isesengura mu ishami rishinzwe guhuza ibikorwa bya leta (GACU), mu biro bya Minisitiri w'intebe, agahabwa inshingano zihariye zijyanye no guhuza ibikorwa ry'uburinganire mu nzego zose.

### *6.1. Inzego z'igihugu zishinzwe by'umwihariko gahunda y'uburinganire*

Inzego z'igihugu zishinzwe by'umwihariko gahunda y'uburinganire ari zo: Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango (MIGEPROF), Urwego rw'Igihugu rushinzwe kugenzura iyubahirizwa ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagabo n'abagoreabagabo n'abagore ( GMO), Inama y'Igihugu y'Abagore ( NWC) , Ihuriro ry'Abanyarwandakazi bagize Inteko Ishinga Amategeko ( FFRP), zifite mu nshingano kuzamura ubushobozi bw'inzego zitandukanye kugira ngo ibyerekezo byatanzwe muri iyi politiki bishyirwe mu bikorwa neza. Izi nzego kandi zigomba kumenya no gutanga ubufasha bwa tekiniki bujyanye n'uburinganire bukenewe n'inzego zitandukanye mu bijyanye no kwinjiza no kubazwa ihame ry'uburinganire mu nzego zose z'iterambere ry'Igihugu.

### *6.2. Inzego z'ibanze*

Mu gihe cyo gushyira mu bikorwa iyi politiki, ubuyobozi bw'inzego z'ibanze buazaba bushinzwe guhuza ingamba z'iterambere na gahunda z'ibikorwa ngarukamwaka n'ibisabwa na politiki y'uburinganire, kugira ngo harebwe ko ibyemezo bya politiki bitangwa mu nzego zitandukanye zayo zikozwe neza, ibitekerezo bishya bishyirwe mu bikorwa, kandi bigirire akamaro abaturage bityo binubahirizwe mu buryo buboneye.

### *6.3. Urwego rw'Abikorera*

Mu gihe cyose iyi politiki y'uburinganire izaba ishyirwa mu bikorwa, uruhare rw'abikorera ni ingenzi cyane kugira ngo icyuho cy'uburinganire mu nzego z'abikorera kigabanuke, gushimangira uruhare rw'abagore mu bikorwa by'ubucuruzi bibazanira inyungu nyinshi, haba mu buyobozi no myanya ifatirwamo ibyemezo , no kugeza ibikorwa by'imari ku bagore, kandi abagore bakwiye kujya no mu bucuruzi bubyara inyungu nyinshi. Byongeye kandi, urwego rw'imari ruzakomeza gufasha abagore kubona ibicuruzwa na serivisi z'imari bigamije kuzamura umutungo wabo hamwe n'ubushobozi bwo gushora imari.

### *6.4. Abafatanyabikorwa mu Iterambere*

Binyuze mu buryo butaziguye cyangwa buziguye bwo gutera inkunga iterambere, abafatanyabikorwa mu iterambere bazakomeza gushyigikira Guverinoma n'abandi bagira uruhare mu iterambere ry'ihame ry' uburinganire muri gahunda zitandukanye kandi mu nzego zitandukanye. Nyamara, inkunga ihagije kandi ihujwe neza itangwa mu nzego zitandukanye, byafasha guteza imbere uburinganire.

### *6.5. Imiryango itari iya leta (CSOs) n'itangazamakuru*

Ishyirwa mu bikorwa ry'iyi politiki rikenera ubushobozi bwinshi, rizashingira kuri gahunda za politiki zitandukanye zirimo guteza imbere ubushobozi ku ihame ry' buringanire ndetse n'ibindi bikorwa bifitanye isano naryo. Imiryango itari iya leta n'itangazamakuru bizashyigikira ishyirwa mu bikorwa ry'iyi politiki mu nzego zitandukanye, gukangurira abaturage uburinganire bw'umugabo n'umugore ndetse ubuvugizi kuri politiki igamije guteza imbere uburinganire bafatanyije n'izindi nzego.

### *6.6. Inzego za Kaminuza n'Ubushakashatsi*

Uburinganire buragenda buhinduka siyansi, bityo hakenewe uburyo bwinshi kandi butandukanye buzatuma bwigishwa no gukorwaho ubushakashatsi. Ibigo byigisha n'ubushakashatsi bizagira uruhare mu isesengura ry'uburinganire, gutunganya inyandiko zerekana ibyiza byagezweho mu buringanire, n'ubushakashatsi kugira ngo bafashe mu igenamigambi rya za gahunda za politiki n'ishyirwa mu bikorwa rya gahunda muri uru rwego.

## 8. Impinduka za Politiki y'Uburinganire

Impinduka ziritezwe. Iyi politiki, niramuka ishyizwe mu bikorwa uko bikwiye. izo mpinduka zifitanye isano n'ubukungu, imari, amategeko n'imibereho rusange.

### *7.1. Impinduka ku bukungu*

Iyi politiki y'uburinganire izazamura urwego rw'abagore mu bukungu ari na ko izazana izindi nyungu zirimo kongera ubushobozi bw'abagabo n'abagore binyuze mu kubona kimwe no kugenzura umutungo utanga umusaruro nk'ubutaka; kubona ibicuruzwa byo gushoramo imari na serivisi z'imari; kongera uruhare rw'abagore mu kwihangira imirimo no guteza imbere ubucuruzi, no kugira uruhare rugaragara mu bice bitandukanye bigize urwego rw'ubuhinzi.

Ku bw'ibyo rero, impinduka nziza ku bukungu zishobora guturuka ku bikorwa bya politiki byavuzwe haruguru mu rwego rwo hejuru harimo kongera umusaruro mwinshi n'amafaranga abagore bavana mu mirimo ihemba neza idasanzwe, kandi yo mu nzego zitanga umusaruro mwinshi.

Biteganyijwe ko hazabaho kugezwaho serivisi z'imari nyinshi, cyane cyane ku bagore biturutse ku mahugurwa ku bijyanye n'ubukungu no kubona serivisi z'imari n'ibicuruzwa bigamije gusiba icyuho cy'uburinganire hagati y'umugabo n'umugore mu kwihangira imirimo, no guteza imbere ubucuruzi n'ishoramari mu nzego zitandukanye z'ubukungu.

### *7.2. Impinduka ku rwego rw'imari*

Iyi politiki y'uburinganire izagira uruhare mu bijyanye no kongera imari ikenewe cyangwa isabwa kugira ngo ibikorwa bitandukanye biteganywa n'iyi politiki bishyirwe mu bikorwa. Gusobanukirwa neza uburyo ibikorwa byita ku buringanire bisobanura gahunda z'inyongera na gahunda zitandukanyetandukanye zigamije gukemura ikibazo cy'uburinganire bigaragara mu nzego zitandukanye. Ni yo mpamvu, ibisubizo byatanzwe na Guverinoma n'abafatanyabikorwa mu iterambere bizakenera kwiyongera mu gutera inkunga gahunda n'imishinga igamije guteza imbere uburinganire n'ubukungu bw'abagore.

### *7.1. Impinduka ku rwego rw'Amategeko*

Guverinoma, cyane cyane Inteko Ishinga Amategeko izemeza ko hashyirwaho ingamba zemeza politiki y'amasoko n'amategeko kugira ngo abagore n'abakobwa bitabire imishinga minini kandi ihemba neza. Indi mpinduka mu rwego rw'amategeko muri iyi politiki ni ugushyira mu bikorwa amategeko atavangura hamwe n'andi mategeko ajyanye n'uburinganire hibandwa ku bangavu babyaye kugira ngo bitabweho, bafatwe neza. Politiki irateganya kubuza ikoreshwa nabi rya za porogaramu zishingiye ku ikoranabuhanga zikurura ingimbi n'abangavu ku mibonano mpuzabitsina idakwiye; no gukoresha ICT mu mategeko bitabangamiye inyungu z'iterambere ry'ubukungu.

### *7.4 Impinduka ku mibereho y'abaturage*

Ku bijyanye na politiki ijyanye n'imibereho y'abaturage, ishyirwa mu bikorwa ry'iyi politiki, haragaragazwa uko iyi politiki y'uburinganire ishoboka kuzamura imibereho y'abaturage biturutse ku kubungabunga ihame ry'uburinganire hagati y'abagabo n'abagoreabagabo n'abagore; ibi byahindura imibereho hibandwa ku burezi, ubuzima, ndetse no kurengera imibereho mu nzego zose.

Icya kabiri, amakimbirane yo mu rugo hamwe n'ihohotera rishingiye ku gitsina (GBV) bituruka ku itandukaniro mu bikorwa by'uburinganire bizagabanuka bityo biteze imbere amahoro arambye no gukomeza iterambere ry'igihugu.

## 9. Inyandiko zifashishijwe


1. AU (2015). Agenda 2063, The Africa We Want, Popular version, April 2015.
2. EAC (2016). EAC Vision 2050, Regional vision for socioeconomic transformation and Development
